N°23



# IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

KA02 1458







- Ibisa n'ukuri ku rupfu rwa Dr. Grégoire KAYIBANDA.
- KAMEYA André na Gratien KARAMBIZI ibyiza basanga bene wabo ku rugamba.

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

*Abonnement annuel :* *Rwanda : 2400 FRW*
*Afrique : 4400 FRW*
*Europe : 5000 FRW*
*Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI*

KA02 1459

## EDITORIAL

KA02 1459

# RUBANDA IZAVUGIRWA NA NDE ?



*Abaniga ibyiza baracyari benshi. Ntubaze ukuntu bamenya aho biri: inyungu zabo bwite ni zo zibaha umwete wo kudatahana impu zombi iyo babihiga. Nyamara nta wabura kwibaza ukuntu bagira ubuhanga bwo kubinyonga, noneho ugasanga abari bategereje byabageraho, barababazwa n'uko ubutegetsi bwo mu isi ya gatatu, bwanga bukarushaho kubakorera neza cyane ubuhemu, nta gutegwa na gato, mu gihe ubwo butegetsi bukora nabi koko ibyagombaga kubagirira akamaro. Mu yandi magambo, ibyiza bikorwa nabi, naho ibibi bigakorwa neza; ibyo bibabaza abaturage, baramuka batagiye mu muhanda ngo babigaragaze, mu matamatama yabo hakavugirwamo ngo ubutegetsi bw'igitugu butugeze igati.*

*Buri gihe iyo tuvugira rubanda tubanza gutekereza ku magambo abuze ikintu y'umwe mu barwanashyaka b'imena muri iki gihe, yatangajwe mu Isibo n° 20 asa n'avuga ngo ni umuhutu, azivugira, KANGURA ntiyigeze ayituma. Ariko wasubira inyuma ukareba umwanya afite mu ishyaka arimo, ugasanga bishoboka kuba hari abo yumva yavugira. Ikidutera kwibaza ni uko na we nta wamutumye kuko nta matora yabanje kuba ngo abe ari muri iryo shyaka ku bw'amajwi yaba yarabonye mu mpande zose z'igihugu. Twe iyo tuzirikanye ibintu byo kuvugira no kurwana ku byo abandi bagomba, bafiteho uruhare, dusanga uwo murimo ushobora gutangwa n'amatora cyangwa ibitekerezo nangamadumbo (idées révolutionnaires).*

*Nk'uko nta Banyarwanda bakoze amatora y'«izuka» rya M.D.R. ivugururwa rya M.R.N.D., ivuka rya P.D.C., P.L., P.S.R., R.T.D. ariko ubu ayo mashyaka yose akaba ashaka kubavuganira mu bitekerezo no mu migambi inyuranye, ni nako iki kinyamakuru KANGURA kivugira abaturage kibona ko ari ngombwa, kuko akababaro kabo ubwako ari ko kakigezaho ubutumwa bwabo. None se ko ubwira uwumva atavunika, hari ugutuma kundi kurenze uko!*

*Abo tuvuganira bose, tubibakorera mu kuri. Gusa muri iyi minsi, ibisambo bitahuwe n'ibinyamakuru, birakizwa na ya ntero yateye ngo ni uguharabika, cyangwa ngo ni amatiku, cyangwa ngo ni ugutunga agatoki. Abagomba kugenzurira rubanda – niba bagihari – akaguru bakakagereka ku kandi, maze agati bakagaterera mu ryinyo. Abategetsi bateye batyo, bagafatanya, bakaba abaterahamwe mu kunoza ubuhemu bwabo ku buryo usanga ingamba babukorana zihwitse. Noneho ibyiza abategetsi b'u Rwanda bakorera Abanyarwanda nabi, ni uko badahaguruka ngo bagenzure niba icyuho cyaranzwe mu binyamakuru cyangwa mu bundi buryo, ari ukuri. Niba nabo ubwabo atari abahemu, ariko bakaba babona ibyo abahemuka bakora bakabihorera ubwo ni ibyitso byabo kuko, birumvikana, baba bafatanyije mu buryo buziguye cyangwa butaziguye. Abazi iby'amategeko ahana murabona iyo mubiganisha. None se ibinyamakuru byifujwe muri iki gihugu ubu akaba ari uburo buhuye bimaze iki niba ubutegetsi bwanga urumuri rwabyo? Nyabuneka uru Rwanda nimurukize abajura! Nimuhere cyane cyane ku bateye kimwe nk'abavugiriza induru umushoferi wagavuye litiro icumi za lisansi kandi bo ibigega byayo babivoma nk'usya atanzitse. Aha turashaka kuvuga ko akora amakosa mu rwego ari mo. Ikibabaje ni uko abo mu nzego zo hejuru bo bakora amakosa ari mu rwego barimo ariko ntabonwe nk'uko bigenda ku bari mu nzego zo hasi.*

*Turamutse dufashe ingero za hafi, kubera ko nyine twizeye anketi zakozwe ku madosiye y'abarigishije umutungo wa Leta guhera ku bari muri KANGURA n° 20 kugera kuri n° 23 turasaba Leta, niba yumva ko koko ihagarariye Abanyarwanda by'ukuri, ko yakora iperereza ku bavuzwe, noneho abo itahuyeho ubusambo, mu gihe irimo ireba uko igomba kubishyuza, ikabanza ikabakiza rubanda. Ikababakiza rwose amazi atararenga inkombe, cyangwa niba zaranarenzwe nk'uko bamwe babibona, hagakorwa kugomera bya vuba na bwangu, umwuzure utaratuvudukana.*

*Muri urwo rwego rwo guharanira ubusugire bw'umutungo wa rubanda, turasaba ubutegetsi ko bwakwemerera vuba Amaradiyo yigenga agakora. Maze abahemu Gisenyi – Information ibatangatangire habiri: muri KANGURA no kuri La Voix du Peuple. Uretse n'ibyo, igihe Abanyarwanda bagezemo, si abo gupakirwamo gusa ibitekerezo bya RADIO – RWANDA ikorera mu bwiru buvanze n'ubwoba. Kubera ko hazaba habaye amahitamo amara ipfa, turizera ko Abanyarwanda batunze amaradiyo baziyongera. Imikorere myiza izatuma bigerwaho.*

*Dufashe nk'urugero rw'iterambere ry'Abanyamerika (E.U.) batunze amaradiyo dusanga mu mwaka w'1924 hari hafi miliyoni eshatu z'amaradiyo. Mu 1942 tubwirwako disikuru ya Prezida F.D. Roosvelt muri Etazuni yumvishwe n'abantu barenga miliyoni 61. Bivugwa ko mu bituma abatunze amaradiyo biyongera ari uko imikorere y'amaradiyo yagiye irushaho kuba myiza agapiganwa, kandi akaba yarafashije cyane bamwe mu ba Perezida ba Etazuni. Kuki rero u Rwanda rwinjiye mu mashyaka menshi rutakwemerera bwangu Amaradiyo yigenga gukora ngo abe yimenyereza, ayobokwe maze vuba aha mu minsi iri imbere ngo azagire icyo amarira Abaperezida bazajya batorwa mu buryo bwa «kijyambere» None se uko mubibona*

*ni ryari Abanyarwanda bazihitiramo kumva Radio nyarwanda bishakiye? Ubwo burenganzira se barabuzira?*

*Buri bara ry'umukororombya ni icyo riri cyo. Ritarimo washakirwa irindi zina. Biradutera kwibaza impamvu ubwo Jessie Jackson yiyamamarizaga umwanya w'ubuperezida mu 1988 muri Amerika yari afite intero igira ngo «rainbow coalition» bisobanura interahamwe (ubufatanye) y'umukororombya. Wenda yashakaga kumvikanisha urusobe rw'amoko rutuye igihugu cye rugomba gufatanya mu kukizamura. No mu Rwanda, buri bwoko niburamuka bwemeye icyo buri cyo ntihagire ubushaka kwihisha mu bundi, iki gihugu cyakubakwa k'umusingi w'indahangarwa.*

*Abakwirakwije ibigambo ngo KANGURA idacira akari urutega umututsi niramuka ibonye iradiyo hazacurwa inkumbi barabeshya. Ahubwo bafite izindi nyungu zabo zibatera kuvuga batyo. Nyamara Kangura ntacyo itwaye umututsi usibye guharanira kumuvana ku ngeso yo guhisha icyo ari cyo no kumvisha umuhutu imiterere y'uwo agomba kubana na we, ariko amuzi. Kumenya umuturanyi hari ikibi kirimo yemwe bantu muzi gushyira mu gaciro?*
*Gusa, ukuri gusakuza, ni uko KANGURA mu ntego zayo igomba guhora yibutsa umuhutu wese nta by'amadini, uturere n'ubwenegihugu, ko nibatagira ubumwe nyabwo, ubwoko bwabo bushobora gushira mu mayeri.*
*Urugero ntiruri kure. Mwese muribuka ko iyi ntambara igitangira, ibyitso by'inkotanyi byakunze kwihisha, ntibyihingutse na gato, kubera ko abahutu bahise bunga ubumwe. Ibyitso byose birinumira kugira ngo bidakorerwa ibyo M.D.R. yabikoreye mu bihe byashize bya Repubulika ya mbere.*
*Ikitubabaza ni uko umuhutu yanga akaba uko umututsi yamuvuze ngo amenya inzara ntamenya inzigo. Ikimenyimenyi cy'ibyo ni uko RWANDA RUSHYA y'abatutsi kimwe na le TRIBUN du Peuple n'ibindi n'ibindi, bijya ku ruhande rw'umwanzi ku mugaragaro, maze abahutu bakabaha rugari. Urabona Kameya ngo aragereranya inyeshyamba y'ingegera Rwigema na Coloneli Rwendeye? Gupfa ni byo kuri buri wese ariko RWANDA RUSHYA nk'uko yabivuze, Coloneli RWENDEYE yapfuye amaze kwanga ku mugaragaro ko inkotanyi ziruturamo ku munwa w'imbunda. Ahaa! Tuzaba tubaririrwa iri vogonyo babashoyemo ari mwe benshi kandi mwaragerетseho kubaha ibiruta kuba ari 14% by'Abanyarwanda!*

*Gisenyi – Info*

# LETTRE OUVERTE AU PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE

Journal KANGURA
C...O Gisenyi-Info
B.P. 19 Gisenyi

Impamvu :
Gushyigikira ibitekerezo by'Umukuru w'Igihugu.

Gisenyi, le 15/10/1991.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Twebwe abanditsi ba KANGURA twagaragaje ko ibitekerezo byanyu bigomba gushyigikirwa, ndetse tukanazabyigisha abana bacu, byaramuka bibaye ngombwa natwe tugashinga ishyaka ritari M.R.N.D. ariko ryayunganira cyane cyane mu gucengeza no kwamamaza ibitekerezo byanyu. Rwose byaragaragaye hose ko ibitekerezo byanyu bizana amahoro n'amajyambere koko. Kugeza ubu nta munyarwanda turabona muteye kimwe muri izo nzira. Ahubwo hari abaturage b'ibindi bihugu babifuza bagatebya bagira ngo uwadutiza Perezida HABYARIMANA byibura imyaka itanu, akayobora igihugu cyacu.

Muzi ubwanyu ko hari abavuga ngo muri «PADIRI» kubera gucisha make no koroherana. Dore vuba aha mu 1980 umugabo KANYARENGWE afatanije na RIZINDE ndetse na MUREGO basanze badashobora kwihanganira ukuntu mwatezaga imbere bidasubirwaho abatutsi, mu myaka irindwi mwari mumaze muyobora uru RWANDA. Nta mututsi wongeye gutungwa urutoki nk'uko bivugwa. Ndetse ubukungu bw'u Rwanda bwagiye buhoro buhoro bugana amaboko yabo kugeza aho babufatiye umuzi. Ibyo ntitubitindaho kuko byigaragaje ndetse bigatuma izo ndashima zirunda amafaranga yakoreshejwe duterwa mu 1990. Muzi neza ko mu miryango mpuzamahanga ikorera mu RWANDA, akenshi iba ifite amafaranga menshi, ko abayikoramo ari abatutsi.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Abanyarwanda benshi bashimishijwe n'ishyirwaho rya Minisitiri w'Intebe. Impamvu zabashimishije ni nyinshi tuzazigarukaho. Gusa rubanda igushyigikiye yashimishijwe no kubona mwara-

⟶


# PUBLICITE

Ubwanditsi bwa KANGURA buramamaza ishyaka P.D.R. (Parti Democratique pour la Révolution.)

Tumaze kubona ko rubanda nyamwinshi ikeneye ishyaka ryayo riyigeza kuri Demokarasi nyayo, rikayitoza kwivugira no kuvugira abadafite aho bavugira, dusabye abanyarwanda bose mu madini yose kuyoboka ishyaka P.D.R. Iryo shyaka ritangiranye abayoboke benshi mu Rwanda, cyane cyane abashyigikiye ibitekerezo bya Dr. Kayibanda Gregoire byo kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi, n'ibitekerezo bya Habyarimana we ushigikiye amahoro n'amajyambere.

Abashaka kuba mu buyobozi bw'iryo shyaka, n'abifuza ibisobanuro ku buryo burambuye ni mubaze GISENYI–INFORMATION B.P. 19 GISENYI, cyangwa B.P. 1312 KIGALI. Amahame remezo iryo shyaka rizagenderaho ubu arimo arategurwa n'akanama kabizoberey emo.

Umuco wo kugaya si uw'abanyarwanda. Muzi neza ko hari abashimishwa no kuvuga ko Leta zombi ntacyo zakoze, yaba iya Habyarimana yaba na Kayibanda. Twebwe icy'ingenzi ni ugushima ibyakozwe n'abategetsi b'u Rwanda kuva twipakurura ingoma ya gihake tukarebera hamwe ukuntu ibyiza byakozwe bya kongerwa.

Abazagana iryo shyaka rero muzaze muzi ko tudashinzwe gusebanya no kuba bantamunoza. Muzi twunganire abatubanjirije muri Politiki n'aberangije akazi k'ubusirikare. Ngiryo ishyaka ryanyu, ababuze kivugira nababwira iki.

KA02 1461

KA021461

gabanije cyane ku ruboho rw'ibibazo mufite. Imirimo mwakoraga irebana na Minisitiri w'Intebe ibonye nyirayo. Mbese turamutse tuvuze ko ibyo bibazo byari ku rutugu rw'ibumoso, ubu muhise mururuhura, ntitwaba twibeshye.

Cyakora, Nyakubahwa Perezida, turabona hari ibindi mugomba gukora mu bushishozi musanganywe kandi Abanyarwanda benshi bagakomeza kubishimira. Mu by'ukuri na byo birabaremereye kandi biri ku rutugu rw'iburyo. Kubera ko ari mwe ubwenyine tubonamo icyizere cyo gutsinda iyi ntambara kandi bikaba biterwa n'uko mufite ubuhanga mu bya gisikari n'ababakunda bakaba bifuza ko mwakomeza kuyobora izo Ngabo, kandi mukaziyobora mubizi, dukurikije Itegeko-Nshinga, Perezida akaba ari we mugaba w'ingabo, muri ibi bihe twe turabona icyo kibazo tugihariye ubushishozi bwanyu.

Ahubwo nimuruhure urwo rutugu mushaka umugabo w'inararibonye akaba avugwa neza hanze aha mu




mico no mu myifatire, kandi wemerwa n'ababashyigikiye, maze mukamunyuza mu matora ya M.R.N.D., yatorwa agafata umwanya wa Perezida w'iryo shyaka by'agateganyo. Ibyo nta cyo byatwara abayoboke kuko bazi rwose ko ari mwe Fondateri. Ibyo nimubikora muzaba mwongeyeye kugaragariza Abanyarwanda ko muri «Ruticumugambi» Turizera kandi ko bizagirira akamaro igihugu kubera ko amashyaka yitwaza ngo Itegeko-Nshinga ntiryubahirizwa azahita yumirwa.

Bwana Perezida wa Repubulika, tubijeje kuzakomeza rwose kubagezaho ibitekerezo byubaka n'umwuka uri mu gihugu. Abakunda u Rwanda tuzafatanya n'Ingabo z'Igihugu mu guhashya umwanzi ubutazagaruka. Kereka nibemera gutaha mu mahoro. Mu bimaze kuvugwa kuri MRND, muri urwo rwego abashyirwa mu majwi ko bayobora iryo shyaka ni Fawusitini Munyazesa na Matayo Ngirumpatse.

# MU GUSHYIGIKIRA INKOTANYI, IBINYAMAKURU BYO MURI UGANDA NTIBYASIGAYE INYUMA.

Ambasaderi mushya wa Uganda mu Rwanda, Ignatius BEGUMISA KATETEGIRWA aherutse kwihandagaza imbere y'abanyamakuru ba Radio-Rwanda ashaka kubumvisha ko Leta ya Uganda idafasha inyenzi-nkotanyi. Yungamo rwose nta soni ko abazifasha, umunsi batahuwe «akabo kazashoboka». Ati : «bazahanwa bikomeye». Ubwo rero ngo yari azi ko yifatiye abanyarwanda birangiye. Azabeshye abandi !!!!

Ninde se utazi ko kuva ku Mukuru wa Uganda, ingabo ze, abategetsi bakomeye bo muri Uganda bose batera inkunga inkotanyi ? Ambasaderi Begumisa azahana nde areke nde ? We se ki ?

Niba ari uhana azahere ku kinyamakuru «NEW VISION» gisohoka buri munsi, cyandikirwa i Kampala cyane cyane n° 238 yasohotse tariki ya 7/10/1991. Ambasaderi Begumisa abaze umunyamakuru «SAM MUKALAZI» ngo waje i Byumba mu Rwanda agahura n'abayobozi b'inkotanyi bakamwemeza ko ngo abantu ibihumbi ijana na cumi na bitandatu (116.000) bari mu bigo by'impunzi ku mupaka w'u Rwanda na Uganda. Uwo «munyamakuru» yemeza ko ngo we na bagenzi be batatu bamaze amajoro abiri (iryo kuwa kabiri no kuwa gatatu) bari kumwe n'inkotanyi mu Rwanda. Inkotanyi ngo zibabwira ko ibyo bigo biri muri Butaro, Kinigi na Nkuri (Ruhengeri). Ibindi bigo ngo biri muri Muvumba (Byumba).

Ngo ushinzwe imirwano mu nkotanyi Major Stephen NDUGUTE yakiriye abo «banyamakuru» muri «Etat-Major» ye muri Muvumba, muri kilometero enye uvuye muri Uganda. «Meja» Stephen NDUGUTE ati : «mu minsi ya mbere y'intambara twiciwe n'abantu bari bavuye muri Kenya, Tanzaniya, Zaïre na Uganda bitari byoroshye kuyobora». Iyo nkotanyi yemeza ko abantu bayo biyongereye kuva ngo batera u Rwanda. Ntikamenye ko abapfuye aribo benshi. Keretse niba bariyongereye mu mva, ahoho birumvikana.

«Abanyamakuru» ba «New Vision» babajije «Meja» Stephen NDUGUTE iby'urupfu rwa mugenzi we, Paul KAGAME. Avuga ko Major Paul KAGAME ngo ubu afite akazi kenshi, akaba ayobora inkotanyi mu kandi karere. Nyamara ntawe utazi ko urushinge rwaryamye kera !!! «Abanyamakuru» ba «New Vision» bemeza ko ngo Donat MUVUNANYAMBO wari ufungiwe mu Ruhengeri akaza gutoroka igihe inyenzi n'ibyitso byazo zigabiza uwo mujyi, yari kumwe nabo muri Etat-Major y'inkotanyi aho muri Muvumba.

Muvunanyambo wahoze ngo ari Kapiteni mu ngabo z'u Rwanda, na Major Stephen NDUGUTE bemeje ko hari abasirikari bakuru bo mu ngabo z'u Rwanda batakiriho. Erega nta soni bagashyiramo na Koloneli Déo NSABIMANA uyu watsembye inkotanyi. Cyakora we kubera kumutinya, bavuze ko «yakomeretse» ngo hashize «amezi ane» bakaba badashobora kubyemeza neza.

*Komeza urup. 5.*

# IBISA N'UKURI KU RUPFU RWA GERIGORI KAYIBANDA

## ZIHINDURA IMIRISHYO 1973

Imidugararo yabaye mu gihugu muri 1973 yashojwe na coup d'état yo kuwa 5 Nyakanga 1973. Président Gregoire KAYIBANDA yavanywe ku butegetsi ajyanwa ahitwa i Rwerere ho muri perefegitura ya Ruhengeri ariho yafungishijwe ijisho by'agateganyo mbere y'uko acirwa urubanza. Hari abamaze iminsi bibaza niba iriya coup d'état yaba yari ngombwa cyangwa itari ngombwa. Ndetse hari n'abavuga ko niyo midugararo mu gihugu itigeze ibaho. Bose bafite icyo bashingiraho ibibazo byabo.

Reba nawe umwana wavutse kuwa 5 Nyakanga 1973 ubu afite imyaka 18. Abo nibo duhanganye mu mashyaka, bamwe baradusobanurira ibya révolution yo muri 1959 na révolution mvugururamuco ya 1973. Tuzajya twisunga abazi amateka n'abasiganuzi kugira ngo batugezeho icyo babatekerezaho. Ubu turababwira ku magingo ya KAYIBANDA kuva muri 1973 kugeza muri 1976. Twari tumenyereye ko umuperezida wo muri Afurika uvanweho na coup d'Etat, bamucira urubanza rwa huti huti bakarangirizaho. Mu Rwanda rero siko byagenze, HABYALIMANA yerekanye ko nta rari ry'ubutegetsi yari afite ahubwo yaharaniraga amahoro kandi akubaha n'uwo asimbuye. Hakurikijwe inzego z'ubucamanza zibigenewe kandi zidahimbiweho, KAYIBANDA Grégoire bamuciriye urubanza rwo kwicwa muri 1974, ku ya gatanu Nyakanga 1974, igihano cyo kwicwa Perezida HABYARIMANA yagihinduye igifungo cya burundu.

Tariki ya gatanu Nyakanga 1975 Perezida HABYARIMANA yongera kugira imbabazi, igihano cyo gufungwa burundu kuri KAYIBANDA agihinduramo imyaka makumyabiri n'itanu. Tariki ya gatanu Nyakanga 1976, Perezida HABYARIMANA yongera kugabanìriza KAYIBANDA ibihano imyaka makumyabiri n'itanu y'igifungo ayivunjamo imyaka makumyabiri y'igifungo. Byari bikiza Imana ikora ibyayo. Ubwo bamaze kumukatira, KAYIBANDA Grégoire bamujyanye iwe i Gitarama aba ariho bamurindira ku rugo rwe ruri ku isambu ye i Kavumu, ari kumwe n'umuryango we wishyira ukizana, kuko utari wemerewe kujya aho a shatse no kugaruka igihe ashakiye ari KAYIBANDA Grégoire gusa. Akiri i Rwerere yahahirwaga na Leta akagaburirwa na Leta. Yego bagiraga akarusho kubera icyubahiro bari bamufitiye ariko kandi ntabwo yari afite uburenganzira bwe bwose bwo kwicagurira indyo. Naho i Gitarama ari iwe, bamuteguriraga ameza nk'uko bisanzwe mu rugo rwe. Dore ko n'umugore we yari ariho akamwitaho bihagije.

## AMAZE GUTAKAZA URUBAVU RWE

Ibintu byaje guhinduka umugore we amaze kwitaba Imana. Guhinduka ntibivuga ko KAYIBANDA ubwo yatangiye kugaburirwa n'ikigo cy'abasirikari cya Gitarama nk'uko hari bamwe babivuze ahubwo yagaburirwaga n'umuboyi nk'uko umugabo wese wapfakaye amera. Bari bemerewe abakozi babiri. Ese tujye tubaza ba Rusarurіramunduru. Iyo umunyamakuru cyangwa umunyapolitiki yihandagaje ati : KAYIBANDA yapfuye arya umuceri wo mu kigo bakamushyiriramo n'umucanga cyangwa ngo yapfuye acana intebe zo mu nzu, aba ashaka kugeza kuki abasomyi n'abanyarwanda ? Aho si umutuku ?

Twikomereze — Mu muryango byabaye ngombwa basaba KAYIBANDA Piyo kugumana n'umusaza, akajya ajya ku isoko kandi akagenzura ko ababoyi bagabura indyo inoze. Nyamara kandi KAYIBANDA ntiyari nyakamwe, abagize umuryango we baramusuraga uhereye kuri nyirabukwe bari baturanye. Twaraperereje ngo tumenye niba hari akantu kigeze kabaho hagati y'umuryango wa KAYIBANDA n'abasirikari bamurindaga, dusanga harigeze kuba agakumbi kuri Assumpta n'uwari ushinzwe kuyobora izamu, Serija MBABAZI kubera ivuzivuzi no kutamenya neza akazi ashinzwe. Ofisiye w'icyumweru yahise afata icyemezo bitagombye kugera kwa Komanda w'ikigo kandi uwo muserija yahanwe by'intangarugero.

Muri Nzeri 1976 abaturanyi ba KAYIBANDA bashatse kumuha umubyizi mu gihe cy'ihinga babinyuza kuri nyirabukwe. Gusa ntihagira uwo babibwira mu bashinzwe umutekano. Mu gitondo kare, abasirikari bo ku izamu bagiye kubona babona abaturage barahutse n'amasuka n'imipanga ntibasobanukirwa. Burya rero umupanga ni igikoresho cyo mu buhinzi ariko kandi ni n'intwaro. Abasirikari rero barabambiye bategereza amabwiriza y'i Gitarama, Gitarama nayo itegereza amabwiriza y'i KIGALI, u bwo umubyizi uba urapfiriranye. Kigali ntabwo yasobanukiwe vuba kubera ko hari hamaze iminsi bavu-

*Ibikurikira Page 4.*

vuze ko Inkotanyi (R.P.A. Rwandese Patriotic Army), zatumiye abanyamakuru ba Uganda n'u Rwanda gusura KAMWEZI.

Abo «banyamakuru» ngo mbere yo gusubira muri Uganda babanje ngo kwerekwa «ibirindiro» by'inkotanyi za Nyagatare, Ngarama n'ahandi.... Na Hachim MBITA yarabibuze nkanswe Sam MUKALAZI na bagenzi be !! Sam MUKALAZI mu bwenge bwe buke (niba atari ukwigizankana) arangiza «inkuru» ye yemeza ko bukeye kuwa gatandatu Radio-Rwanda yavuze ko Inkotanyi (R.P.A. Rwandese Patriotic Army), zatumiye abanyamakuru ba Uganda n'u Rwanda gusura KAMWEZI.

Hari ikinyoma kirenze iki ? Ninde munyamakuru w'u Rwanda wagiye Kamwezi koko ? Iyo uvuga aba Radio-Muhabura bikagira inzira !! Cyangwa se ahari ni abanyamakuru b'ibyitso batwihishemo ? Aho wenda wasanga KAMEYA na bagenzi be bataragiyeyo !!!!!!!!

KA02 1463

KA021463

ga ko hari abashaka kuzaza bakamwiba bakamutorokesha. Mu bya vuba inama ya Guverinoma yarateranye igenera KAYIBANDA amafaranga ibihumbi magana inani (800.000 FRW) by'inzibacyuho byaravuzwe no kuri Radio—Rwanda, bamwemerera no guhingisha abakozi ashatse mu mirima yegereye urugo ariko ntarenze hatanu.

**Grégoire KAYIBANDA ASEZERA.**

KAYIBANDA Grégoire yajyaga yandikira Perezida HABYARIMANA akamugezaho icyo yifuza cyangwa akandikira Ibiro Bikuru Bishinzwe Iperereza. Amabaruwa yayanyuzaga kuri Komanda w'akarere ka gisirikari akayimuhereza mu ntoki, nawe akitwararika kugeza ibaruwa kuwo igenewe vuba kandi itaziguye (sans intermédiaire). Yaje rero gusaba gusurwa n'incuti ze z'imena, abyemererwa taliki ya 7/11/1976. Ubwo umuryango wa KAYIBANDA warateranye wose usurwa n'incuti zikomeye cyane nka Musenyeri Andereya Perraudin, Padiri Massillon n'abandi bihaye Imana n'abalayiki.

KAYIBANDA yaganiriye by'umwiharik o na Musenyeri Perraudin yongera kuganira n'abihaye Imana nyuma baje kumusomera Missa mu ruganiriro no mu busitani. Missa yasomwe na Musenyeri Perraudin akikijwe n'abapadiri benshi. Imihango yose yatangiye saa yine n'igice irangira saa kumi z'amanywa.

**URUPFU RUTUNGURANYE KANDI RWIHUSE**

Hari tariki ya 16 Ukuboza saa munani n'igice, KAYIBANDA Piyo atelefona Komanda barivuganira amubwira ko umusaza arwaye. Komanda yamwemereye guhita ajyayo bakarebera hamwe igikwiriye gukorwa. Komanda yageze i Kavumu hafi saa cyenda n'igice Muzehe amwakira ari kumwe n'umuhungu we Piyo mu ruganiriro, bose uko ari batatu bemeza ko ari ukujyana umusaza i Kabgayi ari no kujya kuzana Muganga, ibyiza ari ukuzana Muganga n'ibikoresho bya ngombwa akamusuzuma akamuvura. Komanda yahise ajya ku bitaro by'i Kabgayi, ibitaro bihitamo Dogiteri François Ben DEDALLE kuko ariwe wari uri burare izamu rya nijoro akaba yari gushobora kuboneka ku isaha iyariyo yose.

Dogiteri yaragiye asuzuma Grégoire KAYIBANDA mu bwiherero. Arangije yanditse ordonansi bayihaye umuforomokazi witwa Sofiya na n'ubu ugikora muri ibyo bitaro, ubwo ajya gushaka imiti ari iyo kumutera mu rushinge, ari iyo kunywa mu kanwa. Komanda yajyanye umuforomokazi ashyikiriza KAYIBANDA imiti yose. Ubwo byari bigeze hafi saa kumi n'ebyiri za nimugoroba. Umugambi wari uwo uko Piyo aza kwitabaza telefoni igihe cyose bibaye ngombwa imodoka y'ibitaro yaba ikenewe ntiboneke bakitabaza iy'ikigo cya gisirikari. Byongeye Komanda yagombaga kujya kwongera gutwara Dogiteri mu masaa moya yo kuwa 17 Ukuboza mu gitondo bakajya kureba umusaza uko yari kuba yaramutse. Byageze saa kumi n'ebyiri n'igice za mu gitondo ku wa 17 Ukuboza Piyo KAYIBANDA atelefona Komanda aramubwira ngo ntiyirirwe azana Muganga ngo kandi aze kuza igihe aboneye, ngo ntakihutirwa. Komanda we yahise ajyayo kugira ngo arebe uko bimeze, abone gukora gahunda y'akandi kazi. Yagezeyo Piyo amusanganiza inkuru y'uko umusaza yatabarutse. Ngo byabaye mu rukerera hagati ya saa cyenda na saa kumi za mu gitondo. Umuhungu we KAYIBANDA Piyo niwe wamusegiye asezera ku buzima bwo ku isi. Abakunda se kumurusha bigeze kuvuga ngo Piyo niwe wishe se abandi ngo yajyaga amukubita bari mu nzu. Mwe mujye mumenyako agahinda k'inkoko kamenywa n'inkike yatoyemo. Twe dusanga abagiye bavuga biriya bigambo byose atari urukundo ahubwo ari ukumushinyagurira mu cyayenge.

**ISHYINGURWA RY'UMURAMBO WA: GREGOIRE KAYIBANDA.**

Mu ma saa moya taliki ya 17 Ukuboza 1976, ubwo Komanda w'akarere ka gisirikari, amaze kumenya urupfu rwa Grégoire KAYIBANDA yahise agaruka i GITARAMA yohereza amatelegarama i Kigali muri Perezidansi, muri Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu, muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu no muri Etat Major y'Ingabo bose abasaba kwihutisha amabwiriza. Birumvikana ko yanabibwiye Perefe wa Perefegitura ya Gitarama anamusobanurira ko byabaye urupfu rutunguranye cyane kubona umuntu wari usanzwe afite ubuzima bukomeye arwara amasaha atageze ku munsi agapfa.

Dogiteri Ben DEDALLE yasuzumye umurambo wa nyakwigendera, ubwo raporo irahari umuryango we urayifite ni nawo ufite uburenganzira bwo kuyitangaza. Kandi na Dogiteri Ben DEDALLE ariho akora mu bitaro byo ku Gisenyi. Ikibazo cyiriwe kirangaje abantu cyane ni ukumenya aho a shyingurwa, haba iwe imuhira haba mu irimbi rya Katederali ya Kabgayi haba ahandi hose hagenwa.

Telegaramu yakemuye impaka yavuye muri Perezidansi saa saba n'igice yemezako umurambo ushyingurwa hakurikijwe icyifuzo cya Nyakwigendera aricyo gushyingurwa mu bwiharik o bw'umuryango (intimité familiale). Ubwo Grégoire KAYIBANDA bamushyingura mu rugo rwe nk'uko yari yarabyifuje akiri muzima, asezerwaho n'umuryango we n'incuti ze zirimo Musenyeri André Perraudin; n'abandi ndetse na Guverinoma y'u Rwanda yohereje uyihagararira. Twibutse ko Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yategekwaga na Koloneli KANYARENGWE, naho Diregiteri Général w'Ibiro Bikuru Bishinzwe Iperereza yari Majoro LIZINDE.

Ariko ibi tubivugiye kugira ngo dutsembe amazimwe yavugaga ko abo bagabo bombi baba baragize uruhare muri urwo rupfu. Twe duperereza twasanze ntaho uretse yenda amayeri aziguye cyane. Twasanze imicungire y'ifungwa rya KAYIBANDA yari ishinzwe Ingabo z'Igihugu services za ba maneko

rero ntabwo zashoboraga kuvogera uko zishatse. Ubwo rero urupfu rwa KAYIBANDA rutandukanye n'urw'abanyepolitiki bandi bapfuye, uko bagiye babivuga kwinshi.

### HAVUZWE BYINSHI.

Ntitwabirondora kuko byinshi muri ibyo usanga hari ikindi bigamije kitari ukuvuga ukuri gusa. Twe twavuga icyatuma abantu bagira icyo bunguka. Tuvuge nk'imibanire ya KAYIBANDA na ba Komanda uko basimburanye KAYIBANDA afungiye i Gitarama : Twasanze iyo mibanire yararanzwe n'icyubahiro, baramwubahaga kandi bakamutumikira iyo yabaga akeneye kugeza ubutumwa i Bukuru. Twasanze KAYIBANDA nawe yarabakundaga kuko ngo cyane cyane kubera ko bari abasore kandi batarigeze bivanga mu bya politiki. Ahanini abo ba ofisiye ni babiri. Umwe muri 1972—1973 kugeza Nzeli irangiye yari mu ishuri mu Bubiligi, undi yari ashinzwe ibyerekeye urubyiruko hagati ya 1972—1974. Bombi rero usanga ntaho bahuriye n'amatiriganya ya 1973. KAYIBANDA yakundaga gutumira Komanda ngo baganire nyuma y'amasaha y'akazi bishobotse, KAYIBANDA akishima bakaganira, ndetse yaba afite n'amafunguro bagasangira. Benshi bakomeje kutubwira ko KAYIBANDA yari umuntu wicisha bugufi kandi ushyikirana.

### TWAKWIFURIZA M.D.R. KUGIRA UMUSIMBURA UMEZE NKAWE.

Baravuze baravugishwa, bamwe ngo KAYIBANDA yazize abasirikari ngo baramukubise aranogoka, ngo bamugaburiye nabi arazongwa arapfa, ngo bamugaburiye uburozi. Ndetse bakungikanya ko abo basirikari bari indobanure z'abakiga. Bagatinyuka bagaharabika umunyarwanda witungiwe n'umurimo we akora neza awubahiriza atarengera. Mbese bayoboke mwe, KAYIBANDA ko atigeze atungwa n'ikinyoma, aho uzagishora mu izina rye azamuterekera amunoze ? Uwo se uvuga ngo arashaka guhorera KAYIBANDA, yabanje akatubwira uwo agiye guhora n'icyo ahorera tukabona tukemera ko atari ubugome yivukaniye, bwo kugwiza i mpfubyi n'abapfakazi cyanga umururumba wo gusahura no gusarura aho atabibye.

### TUGENEKEREZE.

Kuba ubutegetsi bw'Igihugu bwarahindutse muri 1973 byari byabaye ngombwa ndetse itariki ya gatanu Nyakanga yaratinze urebye amaraso yamenekaga mu gihugu cyose n'imiborogo yavugaga mu turere twose. Ubihakana ni ushaka kujijisha, uwo twamubaza tuti abahunze icyo gihe bahunze iki ? Kuba hari abanyapolitiki bafunzwe bakaza gupfa amanzanganya birababaje cyane kuko n'ukatiwe urwo gupfa ntabwo yicwa bitanyuze mu nzira igaragara. Birazwi ko byatewe n'ubugome bwa LIZINDE watinyaga ko umukuru w'Igihugu yazatanga imbabazi yenda bagafungurwa ahitamo kubarigisa.

Indwara yahitanye KAYIBANDA yo ni amayobera ku bantu benshi, na Dogiteri ntiyigeze avuga ko amuvura indwara runaka. Bibaye uburozi nabyo ntibyaba ari igitangaza, ikinyoma cyaba ari uko yaba yarabuhawe n'umusirikari. Twibutse ko n'umugore wa KAYIBANDA yishwe n'inkurikizi z'amarozi, bamuroze kenshi yivuza bagasubizamo. Twabonye kandi ko abaturanyi be n'abo bari bafitanye isano mu muryango bari bafite uburenganzira bwo kumusura bitagombeye uruhushya rwo hejuru. Ubwo rero kuba bashobora kuba baramugemuriye uburozi ntawabihakana ngo atsembe.

Icya nyuma umuntu yatekerezaho ni uko ashobora kuba yariyahuye, nabyo impamvu zaboneka. Twahera ku gahinda yatewe n'urupfu rw'umufasha we. Twatekereza na none ko igihe yari afungiwe iwe n'umuryango we wasaga n'ufunzwe. Reba abakobwa bagombaga gusabirwa inyuma y'urugo cyangwa bakagomba uruhushya rwo hejuru kugira ngo bacyuze ubukwe mu rugo. Reba abahungu bagombaga kurongora n'ibindi n'ibindi. Ntitwabyemeza impamo ariko ntawabura kwibazako icyo gitekerezo atakigejeje kuri bariya babyeyi b'incuti bari baherutse kumusura. Ibyo byose nyamara ntibyatuma twirengagiza ko hari indwara zifata umuntu zikamwica mu masaha make, yageze kwa muganga ariko umuntu agapfa muganga ataramenya neza indwara ariho avura.

Tubyise ibisa n'ukuri, kugira ngo duhe urubuga umuntu wese washaka kuzuza, guhinduza cyangwa gushyiraho umugereka kugira ngo abantu bamenye ukuri nyakuri.

*KANGURA.*

## Umuvugo : DORE IRYA BABIRI

DORE IRYA BABILI

Matama ya bigega
Ko impuruza yawe
Itakirenga impinga
Burya ucira umupfu amarenga
Amara ibinonko
Kandi muli rubanda ni uruhuri
None nkundira nkuruhure
Kuko nkeka nasesheho gatoya
Ngo «Guhimba si ugutinya
Ni ugutobora ijambo
N'uw'injiji akaryumva»
Na ryumvise ulibwirwa
Muli mirongo inani
Bishyira inani na limwe
Rubanda tega amatwi wumve
Mutwara Yezu
Renzaho
Temahagali mukiranutsi
Udakiranya inkiko
Ntumbwire ko inkingi zaho
Zitakirenga Akanyaru
Burya no mu mubano uhabona inkenke
Nawe mugabo i Nazareti
Iyo ngiyo uhageze ishyamba
Imbazo ihabone umwanya
Naho Habiyambere
Nduzi imberuka yaraziguruts
Mugabira Kagimbangabo
Sindi umwami w'i Buvazuba
Bizimungu abyumve neza

Nzabagaregeza
Abadahera ijabo ryabo
Baliyanga
Bagambiki
Ko iyandemye
Bucyibaruta
Imbangulira kubanza
Nubwo ntali Nyamwasa
Urumve Nyandwi mukinyarwanda
Ntagerura ku cyubahiro
Nyuma ya cumi isaga irindwi
Igihango ncyubahiliza
Ndamutse nkinyazwe kandi
Ndindiliye itagulirwa
Nako mwesengoyi
Nsanisha ibyaneniranye
Ruhigira kunesha
Nsanzimana
Nsengumuremyi
Ngirabatwara
Nzabahimana
Nzirorera Mbonimana
Nkili Higaniro
Nabyo kandi Bizimungu

Dr. BEN Dédale François
B.P. 422 GISENYI

KA02 1465

KA021465

# PETRORWANDA N'IBIGEGA BYAYO BIRI MU GATSATA HARIMO UBUFINDO.

Mwese muzi ko kugira ngo u Rwanda rutazongera guhangayika biturutse ku ibura rya lisansi na mazutu, Leta yiyemeje kubaka ibigega byo guhunikamo uwo mutungo. Bimwe byubatswe hafi ya Kigali mu Gatsata, ibindi ahitwa Rwabuye i Butare no mu Bigogwe ku Gisenyi. Lisansi na mazutu n'ibindi bibikomokaho (hydrocarbures) bigera mu Rwanda biturutse iyo muri Kenya na Tanzaniya biri mu bikamyo by'abacuruzi b'abanyarwanda, abanyamahanga, amasosite y'ino n'ayo hanze.

Abashiferi na ba nyiri ayo makamyo baje kugira ikibazo giturutse ku mubare w'amalitiro bagiye bashira ku mafishi y'izo modoka zimaze gupakurura.
Ba nyiri amakamyo bo bari biyemeje gukata abakozi babo amafaranga ahwanye n'amalitiro abura kuko babashinjaga ko bagurishiriza lisansi cyangwa se mazutu mu nzira, bakageza ku bigega ibikamyo bicagase. Abashoferi ntibasobanukiwe, bo bagakeka amababa abakozi bapakurura babakeka ko bafite ubufindo bwo kubiba. Byateye impaka abarebwa n'icyo kibazo bose barahaguruka, bitabaza ubutegetsi. Nibwo MINIFIN na MINECOM bahagurutse bajya mu Gatsata kwereka ba nyiri amamodoka aho ukuri kuri. Mu gihe bo ubwabo bipimiye umutungo wose uri muri ibyo bigega, bawugereranije n'ibyanditse ku mafishi basanze byose hamwe mu bigega harimo litiro 175.300 za lisansi na mazutu zidafite aho zanditse.
Murumva ko umujura yahise aboneka. Ubufindo bwo muri biriya bigega bwahise butahurwa.

### Iki kibazo cyazanywe na nde?

Ibyo bigega ubusanzwe bitegekwa n'umugabo waminuje mu mashuri, Jean-Marie Uwihanganye, uvuka muri Komini Mbazi, i Butare, akaba ari Ingénieur des Bâtiments Civils muri URSS. Yatangiye akazi ari umukozi muri MINITRAPE mu mwaka wa 1981. Kuva muri 1981 niwe wakoze imirimo (études) yo kwiga uko bakwagura no kubaka ibigega bya lisansi na mazout (Hydrocarbures) mu Rwanda. Kwiga uwo mushinga birangiye, Uwihanganye yakoze iyo bwabaga bamushinga gukurikirana imirimo y'iyubakwa ry'ibyo bigega (fonctionnaire dirigeant).
Ubwubatsi bwarangiye mu Kwakira 1988, bwari bwaratangiye muri 1987. Mu gihe cyo kurangiza iyo mirimo, Jean-Marie we yakoze uko ashoboye yaka transfert (agent en détachement) ava muri MINITRAPE ajya muri Petrorwanda. Yahatangiye mu mpera za 1988.

### Yakoze ku muti we agerayo ategeka bya bigega.

Imashini zipima lisansi n'ibindi bikomoka kuri peterori bazitumije abizi, kandi haza imashini ziguzwe muri caguwa i Burayi. Bakavuga ko imwe ifite agaciro ka 600.000 Frs kandi Jean-Marie ubwe azi neza ko izo mashini nta kindi zizamarira Leta uretse guhombya abatunda lisansi, inyungu zikaba iza nyiri ugucunga ibigega n'ibyitso bye bizacuruza ayo maritiro arenga. Erega barayariye! Uwihanganye yageze n'aho ajya muri stage y'izo mashini, we abisabye abazungu, ngo yige iby'izo mashini, avanayo ubumenyi bwo kumenya kuzinyonga. Agarutse, abakozi bakoraga ku bigega ba mbere, bari bazobereye mu gupakurura no gupakira bakoresheje deep sticks (Joje) yabishizemo ngo reka abirukane, akorane n'abo we yishyiriyeho ubwe, harimo ab'iwabo na benewabo, bazi kugira ibanga. Izo mashini zagiye zipfa buhoro buhoro akagira aho afata imashini ikora kuri Essence akayikoresha kuri Mazout kandi atahinduye imibare yari irimo bikiri kuri Essence (Index), aha akarya. Muri 1990 haje umuzungu waturutse mu Bufransa, aza aje kwiga ukuntu izo mashini zibeshya (détermination de perte ou d'excédent), nawe yariye u Rwanda amafaranga atabarika kandi nta n'igisubizo yatanze kuri icyo kibazo.
Yariye angahe muri Méridien, ni akayabo ko kuryumaho! Kubera ko uwo muzungu akora mu Isosiyete ikora izo mashini yanze ko iyo sosiyete iba mu Bufransa yarita: abagira inama yo gukora Etalonnage imwe nyuma y'amezi abiri.

Ibyapfuye n'ubundi ntavuro, baragerageje ariko ntibyababuza guhora bafite manquant, imodoka zihomba kuri buri kamyo litiro amagana. Abashoferi na ba nyiri amakamyo bakahagwa, nyamara ibyinjiye mu bigega Jean-Marie abizi neza. Dore ko afite n'ibanga asangiye n'abayoboke be ryerekeye (Vitesse de chargement ou de déchargement) amashanyarazi akoreshwa mu gupakira no gupakurura iyo mizigo. Dufite abahanga mu kwiba. Ubu Etalonnage ikorwa buri cyumweru. Umuyobozi mukuru wa Petrorwanda nawe iki kibazo ngo yaragisanze!
Amaze gukeka amababa imikorere y'uriya mugabo ucunga umutungo wa biriya bigega yakoresheje inama y'abakozi yatumiwemo aba Leta n'abacuruzi bafite uruhare kuri icyo kibazo, bumvikana ko iryo pimwa ry'utwo tumashini ryakorwa buri cyumweru. Ayo mabwiriza ubu arakurikizwa ariko Jean-Marie we akomeye ku ibanga rye.
Apakiza umubare uyu n'uyu bikandikwa kuri bordereaux d'expédition nyamara mu ibanga rye n'abe bazi ko kuri station iyi n'iyi bakorana bizwi ko abohereje excédent y'amaritiro amagana n'amagana. Uko nyuma basatura byo buri wese arumva ko ari nk'umukino w'abana.

### Umuti uzaba uwuhe ?

Ba nyiri ugutunda iyo mizigo baribaza niba Jean-Marie azemera ko bagendera ku rugero rwa Joje cyangwa ku tumashini twe tumuhahira. Mushyitse imitima hamwe kuko iki kibazo Umuyobozi mukuru wa Petrorwanda nawe agomba kuba akizi. Ubwo umuti uri hafi, nibashaka bavanemo izo compteurs bakoreshe Joje, nawo ni umuti, uretse ko Jean-Marie we yiyemeje ko nkuko abyivugira, hakoreshejwe •

Birakurikira Urup. 9.

KA021466

# BANKI NASIYONALI

## Imigambi ya Munyandida Faustin n'agatsiko ke yaratahuhwe

Minyandinda Faustin asanzwe azwiho kuba umukozi mukuru mu bayobozi ba Banki Nasiyonali y'u Rwanda. Ariko abenshi ntabwo muzi ko uwo mugabo wiyita impuguke mu by'amategeko (anabifitiye n'impamyabushobozi ihanitse), amatiku n'ubutiriganya abirusha abazima n'abazimu.

Kuva yaba Sekereteri Jenerali wa Banki Nkuru y'Igihugu (B.N.R.) iyo Banki yaranzwe n'umwuka mubi hagati y'abakozi n'abakoresha bitewe n'uwo muyobozi mukuru utarashoboye kubahiriza inshingano yari ashinzwe, ahubwo mu kazi ke harangwamo ivangura amoko n'uturere nkuko muri buze kubyisomera.

Ibyo nanditse si ugusebanya nka bimwe by'abambari be basohoye mu binyamakuru le Tribun du Peuple no muri R w a n d a Résonnance Umurangi n° 001 ariho mwishywa we Habumuremyi Visenti na Léon Musabire banditse basebya abandi ngo baramurengera.

Ndi Inararibonye muri BNR. Nakoranye na Guverineri HATORI MAsaya, Guverineri BIRARA Yohani Berkimasi, utazibagirana mu mateka y'u Rwanda, Guverineri RUZINDANA Gusitini none ndakorana na Guverineri NTIRUGIRIMBABAZI Deny uzwiho ubuhanga n'ubushishozi nka BIRARA wahesheje BNR ishema mu mahanga afatanije n'uwahoze ari Sekereteri Jenerali BUTERA Yohani Batisita. Abo bagabo abakozi ba BNR ntibateze kuzabibagirwa, nibo basigiye BNR isura nziza yaje guharabikwa na MUNYANDINDA Faustin wasigiwe ubuyobozi na BUTERA J.B.

Uyu Faustin yabaye Sekereteri Jenerali by'agateganyo (a.i.) igihe kirekire bakimugerageza ngo yerekane ubushobozi, ingaruka zabyo ni uko ariwe wiyemeje guharabika abavuguruye imikorere ya Banki, ikaba itangiye kugarura ubuyanja n'isura yahoranye yo kuba Banki y'Intangarugero muri byose.

Mubo yikoreye aharabika uwa mbere ni KWITONDA Tadeyo.

Inyangabirama Munyandinda Faustin amaze kubona bahaye umwanya ukomeye wo kuba Chef du Personnel uwitwa Kwitonda Tadeyo, yataye umutwe, abura amahoro n'ibyicaro. Impamvu nta yindi ni uko uwo Tadeyo yahise ashyikirana n'abakozi, yumva ibibazo byabo, ndetse avugurura n'isanduku igoboka abakozi (Caisse de Mutualité) Munyandinda yari yaragize ubukonde bwe, aha amafaranga abo yishakiye. Ku buryo abakozi bose babyiniye ku rukoma bamaze kumva inkuru ko Sekereteri Jenerali yanyazwe umwanya we, kuko nubusanzwe bose yari yarabakandamije.

Kumunyaga uwo mwanya ntawe byatunguye kuko Munyandinda nawe ubwe yari azi ko, ku itariki ya 23/11/1990 ariho ibyemezo bya nyuma kuri we byafashwe, ku byerekeye ubushobozi bwe ku kazi muri B.N.R., Bwana Ntirugirimbabazi ataraza kumutegeka. Uwari Guverineri Ruzindana n'abafasha be uko bari babiri (Habimana na Rwabukumba) nibo bamusinyiye Côte bemeza ko kuri uwo mugabo nta kigenda : Insuffisances du contrôle du travail des subarternes, ambiguités dans ses positions, maîtrise insuffisante des opérations de la B.N.R. Ibi byose ko nawe asanzwe abizi, abakozi ba Ntirugirimbabazi, arabahohotera, abashakaho iki ?

### MUNYANDINDA YARI ASANZWE YARIYAMBITSE URUHU RW'INTAMA KANDI ARI BIHEHE.

Mu kazi yari ashinzwe kurangiza, ibibi byakozwe byose yabyitiriye Inzirakarengane Kwitonda Tadeyo. Afite ubwende n'ubwenge yihariye byo gufureba amakosa, amatiku n'ubutiriganya byose acura mu buyobozi bwe. Nkibyo Habumuremyi, mwishywa we, avuga kuri Tadeyo ngo byo muri SONARWA, twese tuzi ko ari amahamvu. Ibyo binyoma byacuzwe n'umugore wa Munyandinda ukora muri iyo Sosiyete SONARWA.

Kwiha kwandika umuntu mu binyamakuru, hagomba ubushishozi buhagije kuko ukuri kugomba kwigaragaza. Munyandinda namenye ko ibyo atifuza ko bimubarwaho, atagomba kubyifuriza bagenzi be. Nta nkumi yigaya ariko umuntu wese yari akwiye kwirinda gusebanya no guharabika abanyamurava kuko nka Kwitonda Tadeyo ashatse yabimurega.

Ubutegetsi bwa Munyandinda bwaranzwe n'ibibi akumiro.

Ku byerekeye ivangura ry'amoko nyiri indoro nziza ntiyahezwaga. Dore ko kumenya n'ubwoko bw'uwo mugabo bizwi na bake. Abaremetse iyo bazaga gukora ibizamini yabanzaga kubibereka, utsinzwe akamwongerera amanota. Ibimenyetso simusiga birahari kuri bashiki be!

Muzabaze ibye n'ironda akarere. Abo mu majyaruguru y'u Rwanda yabangaga urunuka nk'urw'inzoka n'umugenzi. Bizwi na Perezida wa CESTRAR, Ntirivamunda Yohani Batisita yabujije amahwemo kubera kuvuganira abakozi. Yagejeje

*Ibikurikira urup. 8.*

izo Joje ngo we azasezera. Ariko ubundi ko uwo mugabo ashaka kuyobya rubanda, kuki yirengagiza ko imodoka zipakira mu bigega bye, aho zijya gupakurura hari utumashini tundi bakoresha, ku ma stations, uretse Joje? Uretse ko mu bufindo bwe aba azi ko mu ibanga ba nyiri gupakururirwa baba bamubikiye amafaranga akayabo. Hanze aha hari aba ryi!

Umusomyi wa Kangura
Secteur Gatsata
Commune Nyarugenge
Kigali

KA02 1467

n'aho amwakishije umwanya yari afite, akwiye gusubizwa, kuko yamujijije aho avuka no kuvugisha ukuri. Bugande Yohani Batisita wagaragaje mu ruhame (mu nama) ko Munyandinda ariwe munyamafuti na nyiramatiku muri BNR, yamwirutseho, biratinda, kugeza igihe amuhimishije côte. Bugande ubu afite imyaka 20 y'akazi ariko ntarabona umudari w'ishimwe kandi ari Nyamwete cyane. Ibi ntibyamubujije gutanga côte ku bakozi bataramara n'umwaka ku kazi muri Banki.

Mu ironda karere yirukanishije abakozi abitirira ama Prefegitura atari ayabo mu gihe cy'igabanya ry'abakozi.

- Munyandinda ni umugome ku buryo butangaje. Aho yibutse kumenyesha umugore we ko ariwe ubwe wirukanishije Habumuremyi Visenti (mwishywa we) bari bafatanije gucura amatiku muri B.N.R. Nabihakana tuzabimugaragariza n'ibarwa ye yandikiye Guverineri Ruzindana Gusitini aho yamusabaga ubwe kwirukana uwo muvandimwe we, nyuma akabyitirira Kwitonda Tadeyo warushye.

(Yibuke ibarwa ye ya le 5/11/90, ahe amahoro Kwitonda!)

- Munyandinda azibagirwa ko abakozi bose bamukuyeho amaboko, igihe bamweretse ko nta numwe wari ukimucira n'akari urutega mu nama yayobowe na Guverineri Ntirugirimbabazi Deny igihe yabonye isaha y'inama irangiye ati ibisigaye muzakorane inama na Munyandinda wari ukiri Sekereteri Jenerali, abakozi bose bahumira rimwe, baramwamagana. Murabona yari akibamariye iki?

**ARIKO UBUSANZWE MUNYANDINDA APFA IKI NA KWITONDA TADEYO ?**

Icy'ingenzi twashoboye kumenya ni iki. Ubundi mu kazi ke Munyandinda ashoboye kwigira nyoninyinshi. Kwitonda akaba umwe... bashoboye kuvumbura amayeri n'amafuti bye. Ibyo yabigaragarije akanama gashinzwe kwiga ibibazo by'abakozi. Iyo Comité du Personnel yari igizwe na ba Diregiteri icumi hamwe n'uhagarariye CESTRAR n'Umuserire. Abo nibo bafata imyanzuro, ari ukwinjiza abakozi cyangwa se kwirukana. Ako kanama niko kabikora. Guverineri agafata umwanzuro wa nyuma. Murumva rero ibyo umuntu wirukanywe muri B.N.R. iyo bituruka. Munyandinda we ntatinzamo kubyegeka kuri Kwitonda Tadeyo. Uwo mugabo n'agatsiko ke ngo Kwitonda niwe wirukanye Rufatabahizi J.B. Uyu mugabo aho yakoze hose yahavanwaga no kunanirwa akazi. Urebye neza wasanga ameze nk'umurwayi. Ahubwo Munyandinda niba amukunda azajye kumuvuza mu kinyarwanda. Musabire Léon igihe yamaze muri BNR urebye ntacyo yayimariye. Yari ashinzwe kureba no kumva abavuga nabi Munyandinda no kwakira bene wabo, dore ko bavuka hamwe. Kabenga J. Claude na Mujawamariya M. Claire bazi neza ko bazize gutsindwa n'ikizamini bakoze mu byo bahuguwemo byerekeranye n'imikorere ya Banki nkuko amategeko yaho abiteganya. Iyo utsinzwe bigenda bite? Ibizwi ni uko Munyandinda we yari azi guca ku mategeko agenga iryo hugurwa, Kwitonda Tadeyo wubahirije ibyemezo mu kazi ke akabiryozwa.

– UMWANZURO –

Munyandinda Faustin n'abandi BARAKARE bagikorera BNR bazi ko imyanya baba barahawe ari ubukonde bwabo. Barica, bagakiza. Abo bantu bose bakwiye gusezererwa bakajya gukora ahandi cyangwa bagasubizwa MINIFOPE yo ikunda kurwaza. Niho BNR izongera kuba ikigo cy'intanga rugero, imaze gusubirana isura yahoranye. Dore ko n'ubusanzwe yaharabitswe na Munyandinda Faustin n'umufana we Mukeshimana Donathila utarumvaga na ba Diregiteri !

Guverineri Ntirugirimbabazi Deny, uzwiho kudakorera ku bwoba no kudatinya amaso y'abantu, abanyarwanda twese tumuhanze amaso mu kuvugurura B.N.R. Muzi ko yari isigaye igendera ku kaguru kamwe, nashungure asigarane abakozi b'abanyamurava. Abanyabwenge sibo abuze muri Banki. Nakomeza gukoresha Banyiranzakaha, bigira Nyoninyinshi, nawe bazamuhirika atabizi! Mbese hari aho bamuhishe, ko batangiye kumuteranya n'abafasha be ngo ntabumva?

Icyo bashigaje ni ikihe!!!

Inararibonye yo muri BNR

B.P. 531 Kigali.

## CYABAKOBWA HATARI KU GISENYI

Umucuruzi w'umuvunjayi witwa NDARUGORAGOYE Jean Bosco bakunda kwita CYABAKOBWA akomeje kujujubya bagenzi be bahuje umwuga w'ubumamyi.

Abatuye umujyi wa Gisenyi bazi aho agejeje BAYINGANA na KARAMBIZI badasiba gufatwa bagafungwa bazize amaherere ya banki (banque) yigenga ya CYABAKOBWA igendera ku ntego y'imisheto imuzanira inyungu zamukungahaje akamirenge wo ku ntenyo. Ariko ubundi CYABAKOBWA ni hatari nawe! Se umugabo washoboye guhuma MINITRAPE amaso akandikisha ko inzu ye yasatuwe n'ikorwa ry'umuhanda KITRACO – GAZ METHANE – BRALIRWA kandi rubanda nyamwinshi rwemeza ko iyo nzu ye yasadutse muri 1983 kubera imyubakire mibi yo ku kibanza kidatsindagiye.

Yemwe n'abatashye ubukwe bwe biboneye ko iyo nzu yangiritse umushinga wo gukora uriya muhanda utarigwa. None CYABAKOBWA yemerewe kwegukana akayabo ka miliyoni zirenga enye mbere y'umuturage NTIBABAZA ufite inzu banaganitse ku mukingo bikaba bimusaba imyitozo y'ubukomando kugira ngo agere iwe kimwe n'inzu ya KAREKEZI basize ku karubanda. Nigende Leta nikira KAGUNGU y'abasaruzi baziyoberanya muri uyu muvuduko w'amashyaka menshi, izaba igira Imana y'u RWANDA.

KA02 1468



KA021468

# ABAZI KWIYEMERA NGO :
## «Parti Libéral (P.L.) NIRYO SHYAKA RYONYINE RISHOBORA GUSUBIZA IBIBAZO BY'ABANYARWANDA».




**MUGENZI wa P.L. ati:**

**Ubwo Abanyarwanda bose cyane cyane Ingabo z'igihugu zimaze kuvumbura ko Ishyaka ryanjye ari iry'Inkotanyi, nanjye reka nsopanye MDR na PSD nkoresheje amafaranga. Ndebe ko HABYARIMANA tutazamuhirika tutirutse. Ubwo tubikora buyoka.**

Ukuntu iryo shyaka rizarangiza ibibazo by'Abanyarwanda ni amayobera. Ariko iyo umuntu arebye ukuntu P.L. ikundwakaza F.P.R. yari igamije kurimbura imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda ikibazo kirisubiza.
None se P.L. ifatanije na F.P.R. bakica miliyoni enye z'abahutu, ikibazo cy'amasambu nticyari kuba kibonewe igisubizo?
Ubwo se hari ikibazo cy'inzara cyari kongera kuvugwa muri uru Rwanda? Ndetse n'ikibazo cy'amashuri, amavuriro n'amazi meza inkotanyi (F.P.R.) n'abafana bazo (P.L.) bari bagicogoje.

Ishyaka P.L. ni iryo kwitonderwa kuko rifite ibimenyetso byinshi bigaragaza ubwironde.
Dore "Statuts" zayo usibye utuntu duke duke, zaba zarakoporowe muri statuts z'irindi shyaka ryo mu kindi gihugu cyaranzwe no kumerera nabi rubanda nyamwinshi.
Inyenyeri eshatu ziri mu ibendera rya P.L. nazo zaba zarakopewe mu ibendera ry'ikindi gihugu. Niba rero P.L. ari kuriya yifuza gusubiza ibibazo by'abanyarwanda ikwiye kwamaganwa mu maguru mashya.

*RUBERA Papias.*

# MU BITARO BYA RUHENGERI HAKENEYE ABAKOZI.

MINISANTE izakore iyo bwabaga ishyire abakozi babishoboye mu bitaro bya Ruhengeri dore ko bizwi ko ari bimwe mu mavuriro y'intangarugero mu Rwanda. Dr. Nsengumuremyi ushinzwe iyo Minisiteri muri iki gihe, ntazitwaze ya mvugo ko yabuze abakozi kuko iyo urebye ukuntu abapfusha ubusa ntiwasobanukirwa. None se, ni nde utabona ipaki y'abaganga n'abafasha babo biganjemo abaforomo n'abaforomokazi, barundanyije muri Minisiteri i Kigali no mu bigo bibarinda amazamu mu gihe ibitaro byinshi byo mu Rwanda byabuze abakozi ?

Nyamara Dr. Nsengumuremyi niba akunda u Rwanda, yagombye kuzirikana by'umwihariko biriya bitaro bya Ruhengeri bidasiba abarwayi b'ingeri zose, agakubitiraho ko ari n'ibitaro by'intangarugero byakira abaturiye kariya karere nkuko bimeze i Kigali n'i Butare.

Dr. Nsengumuremyi rero inama Kangura yakugira, ni ugupakurura bariya baganga n'abafasha babo muri iyo Minisiteri na biriya bigo, ubanyanyagize aho bakenewe mu gihugu ariko cyane cyane wibande kuri biriya bitaro by'intangarugero bya Ruhengeri biri mu karere kaberamo imirwano.

Ntiwabwira abanyarwanda ko wabura ababasimbura mu kazi ubaha mu biro batarabyigiye kuko ubikoranye umutima mwiza kandi ubishatse wavudura bariya basosiyari wahisemo kugira benshi mu bitaro hafi ya byose ukabashyira muri iyo ngoro ya Minisanté maze ukarekura abo baforomokazi, n'abaforomo kimwe n'abaganga bakajya gukora ibyo bigiye kandi biyemeje naho ubundi ntakwaya kuruta kwihanganira akajagari kari muri Minisiteri y'Ubuzima n'ubwo uyiyobora kuri ubu adahwema kwiyandika Kangura ategereje ko imubwira akari imurori.

HITAMANA Noël

 KA02 1469

# INTAMBARA IZAHOSHWA N'INKOTANYI N'IBYITSO BYAZO BIRIMO PEREZIDA MUSEVENI.

KA021469

**Icyitonderwa** :

Iyi nyandiko si iya "Kangura" ikinyamakuru cyigenga, si iy'ishyaka iri n'iri kuko ubu nayo agezweho, si n'iya Leta y'u Rwanda kuko nayo hari igihe yitirirwa ibitayireba. Ibikubiyemo ni ibitekerezo byanjye bwite nk'uko jyewe ubwanjye mbyumva ku giti cyanjye.

Muri ibi bihe amanama yose akorwa, inyandiko zose zisohoka ndetse n'amadisikuru y'Umukuru w'igihugu byose biravuga bikagusha ku ntambara twakururiwe n'inyenzi-nkotanyi zifatanyije na Museveni n'ibindi byitso biri imbere mu gihugu no hanze.
Bamwe bakihanukira ngo dufite umuti wayo nkaho ari malariya bavuza kinimagisi, nabwo uwo muti ntibawugaragaze kuko mu by'ukuri ari ntawo bafite. Abandi ngo uwakora gutya na gutya imirwano yahagarara nkaho ari isuri warwanyisha imiringoti cyangwa ihurizo ry'umubare cyangwa ikibazo cya Fiziki abahanga babonera igisubizo bakoresheje inzira zavumbuwe zizwi.

Mbere yo gushaka guhagarika intambara ni ngombwa kumenya mbere na mbere abayiteye n'intego bashakaga kugeraho. Dusubije amaso inyuma twarushaho gusobanukirwa. Intambara u Rwanda rurwana ntabwo yavutse ejo bundi ku itariki ya mbere Ukwakira 1990. Ahubwo yashinze ibirindiro mu myaka irenga mana ane ishize igihe akoko ntutsi gasesekaye mu gihugu cyarimo abatwa n'abahutu babana kivandimwe kagahirikisha ingufu n'amayere ubutegetsi bwariho.
Iyo ntambara abatutsi barayishoje kandi barayitsinda, bashyira ku ngoyi ya gihake n'uburetwa rubanda nyamwinshi, ibinyejana birahita ibindi birataha.

Ubwo mu gihe cyose abatutsi bategekaga bonyine, abahutu ibihumbi n'ibihumbi batorotse igihugu bahunga ikiboko na shiku; ngabo muri Tanzaniya, muri Kongo (Zaïre) ariko cyane cyane muri Uganda ku buryo bose bahise bafata ubwenegihugu bwaho ntibongera gusubiza amaso inyuma kugeza magingo aya. Ntabwo bigeze na busa barota ibyo gutera urwababyaye baturutse hanze nubwo bari gushyigikirwa byimazeyo na rubanda rwose.

Maze mu myaka ibanziriza Revolusiyo yo mu 1959 nibwo inkwakuzi za mbere mu kubonoza gahutu zigaragaje, zamagana ku mugaragaro amarorerwa y'ubutegetsi bwa gatutsi bwari busumbakajwe na Kazungu, abarwanashyaka benshi barahohoterwa bazira ibitekerezo byayo. Ubwo ariko umutogoto w'amarike wari wamaze kurenga impinga, wasatiriye icyaro, ucengera muri za nyumbakumi z'icyo gihe maze uba wakwiriye hose. Iyo ntambara abahutu barayirwanye karahava kugeza ubwo ibahiritse ingoma Karinga n'ibyayo byose.
U Rwanda ruba Repubulika mu 1961, rusubirana ubwigenge mu 1962, inzego z'ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi zirashimangirwa.

Abatutsi bo rero ntibifashe nk'abahutu twavuze haruguru. Kuri bo nta butegetsi busangirwa kandi ntawe ugomba kububatsimburaho kuko bazi ko baremewe gutegeka ayandi moko yose. Ubwo Revolisiyo batatekerezaga yarabaye bamwe muri bo bahitamo kuba bigiyeyo kugira ngo babone uburyo bategura ibitero simusiga bigamije kubasubiza ku ngoma no gusubiza ku ngoyi abahutu.
Abasigaye mu gihugu nabo ntibicaye ubusa, bazengurutse ubutegetsi bushya, bigarurira icyitwa umunyamahanga wese, bashuka isi n'ijuru, baba ibyitso kabuhariwe by'inyenzi.

Izo mburagasani n'ibyo byitso batangiye ubwo babuza amahwemo Repubulika; ibyo byabarwa n'umusirikare wariraye hagati y'1960 n'1967 mu Bweyeye, Butama, Bugarama, Bugesera, Nshili, u Mutara n'ahandi... Bikamenywa na Kaporali Nyandwi n'izindi ntwari zahakongeje urumuri rudateze kuzima. Nubwo nta bitwaro byomonganaga bya rutura cyangwa ngo haboneke umuperezida wihararutswe ngo ashyigikiye byimazeyo izo nyangarwanda intambara yari urudaca kugeza aho abayishoje bananiriwe bakisubirira mu muheno nta yindi mishyikirano.

Icyo gihe ariko intambara ntiyarangiye ahubwo yarasubitswe maze inyenzi zirisuganya, zirunda amamiliyari n'amamiliyari y'amadolari, zihaha bya kirimbuzi, zikubira ubutegetsi bwo hirya no hino, zirangaza abategetsi biratinda kugeza ubwo zambutse imipaka y'Afurika zigira igikoresho mwene kazungu, zisunga umuhima Museveni wiberaga mu ishyamba ariko yototera Mbarara na Kampala kugira ngo nawe azaziherekeze umunsi zizagana iya Kigali zinyuze i Kagitumba no mu Birunga.
Ibyo byabaye ku itariki izibagirana nk'ayayibanjirije.

Kwimena umutwe rero ngo urashakisha uko intambara y'inkotanyi izarangira ni ukugira ngo abanyamakuru bibonere ibyo bandika n'abanyapolitiki babone icyo bidagaduriraho ndetse bamwe mu bategetsi b'abasivili n'abasirikare bahashirire bumva. Imishyikirano ntawe utayivuga ariko birazwi ko ntacyo ishobora kugeraho na gito mu gihe inkotanyi nta kindi zimirije imbere uretse kumarira ku icumu bene gahutu bose, kandi ndumva nta munyarwanda muzima mu bitekerezo uzemera kwicwa urubozo areba.

**Kuva inyenzi zabaho kugeza kuri uyu munota intego yazo ni ugufata ubutegetsi ku ngufu z'amasasu, kwica umuhutu wese uzi gusoma no kwandika no gusubiza ku buhake udutu-rage tuzaba twarokotse.**

Intandaro yo guhunguka yo ni agaparu gatoya; ntabwo rwose abo bantu bararikiye kuza gutura mu Rwanda nk'abandi baturage, aho bari bihagarariye bwuma, imirima

KA021470

barafite, amagorofa barubatse, ifaranga babuze aho barinyanyagiza kuko rijejeta. Ntihagombye rero kugira uhangayikishwa nuko baza kuko ubwabo batabishaka. Bazaza ari uko baje gutegeka no kurimbura imbaga. Ntabwo ubukene u Rwanda rutunze aribwo bubashishikaje.
Nk'ubu hagati mu ntambara ubutegetsi bwohereje abantu bo kujya kwanama ku gasi bategereje imiyaga, ni ukuvuga bategereje ingirwa mpunzi ngo zaba zarashakaga gutahuka. Bari bitwaje ibyangombwa byose byo kubafasha nk'ibikomangoma kandi nyamara ubwo abanyarwanda bakuwe mu byabo bakababazwa ku buryo bwose n'izo nkotanyi barya inguri nazo bazibuze. Izo ntumwa za Leta zarahiriwe, izuba rizirengeraho, ziraharara, bukeya na bukeye biba gutyo ntizabona n'ishwima ishaka kuva mu Bugande ngo itahe ino.

Ubu abadepite nabo bagomba kuba barabuze icyo bakora n'izindi ngingo biga zifitiye abaturage b'u Rwanda akamaro kubona birirwa baterana amagambo ku kibazo bazi ko kidateze kubonerwa umuti - bambe badashoboye kugira icyo bagikoraho ubwabo- uretse kwerekana no gushyigikira umugambi wo gushumurira rubanda inyangarwanda n'abandi bagizi ba nabi babasekera ku ryinyo rya Mahama.

U Rwanda rumaze umwaka wose rushakisha umutwe kugira ngo rushimishe umwanzi ari we nyenzi n'abazishyigikiye ariko bikaba kugosorera mu rucaca.
Amahirwe tugifite icyakora ni uko abaturage bamenye rugikubita imigambi y'abaduteye n'amayere yose bakoresha, bakabumbatira umutekano imbere mu gihugu maze inkeragutabara zacu zikambarira zitazuyaza kumenesha umwanzi ubu usigaye wicuza icyabimuteye uretse ko akabaye icwende katoga.
Gushyikirana ntibigira uko bisa iyo ushyikirana n'uwo mushobora kuzagira aho mwumvikanira. Ariko ntiwahura n'impiri ngo ikongoshyeshye ko itakurya maze ngo nawe usamare uyitware mu kwaha ku iburyo; naho yaba isinziriye iguturuka mu rihumye ikakwahuranya.

Naho kubwira amashyaka ngo ni ashake umuti w'intambara ni urwenya cyangwa amananiza. Ubwayo ntacyo abyishoboreyeho naho yaba ari ya pariti ya bwana Ndasingwa yitabiriye gushyigikira inkotanyi n'ibikorwa by'ubwicanyi byazo. Ubundi kandi si ishyaka ribangikanye n'iriri ku butegetsi wakwiyambaza mu gushakira ibisubizo ibibazo biriho ahubwo urebye nabi ryakuroha kuko imbere y'amahanga n'imbere y'abaturage aba ari iryere, cyereka ahari iyo nawe urihimye ukarishyira muri Guverinoma. Icyo gihe niho naryo ryashobora kwirebera ko ari nta wundi muti wo guhagarika, bambe wo guhosha, imirwano ikomeza gukururwa n'inkotanyi n'ingabo za Museveni uretse kurushaho gutera inkunga abasirikare bacu, Leta ikongera umubare wabo, ikabashakira ibyangombwa byose byo gukomeza guhashya abo bagome aho baba baturutse hose -kuko ibyambu byabo biri henshi- baza iy'ubutaka, iy'ikirere cyangwa iy'amazi, yitwaje inkoni, umuhoro, kalacinikovu, katiyusha, cyangwa bombe atomiki.
Muri make rero iyi ntambara yogoje igihugu, igahungabanya bitèye inkeke imibereho n'umutekano by'abagituye izahoshwa n'inkotanyi n'ibyitso byazo birimo Museveni umuyobozi w'abaturage b'inshuti zacu ba Uganda (kandi ntaho nyuranije n'ibyo nari maze kuvuga haruguru kuko umuntu mukuru yivugiye ko ushaka amahoro ategura intambara!).
Mu gihe rero inyenzi-nkotanyi zagize ubugwari budasanzwe bwo gutera urwo ziyitirira zagombye no kugaragaza ubutwari bwo gusubiza amerwe mu isaho, zigasubiza inkota mu rwubati, zikiyumvisha ko uko ibihe bigenda byisunika ari nako imigambi yazo igenda ita ibara. Na Afurika y'epfo ubwayo ubanza yaratangiye kumva ko iminsi y'ubutegetsi bugamije gukandamiza rubanda nyamwinshi isigaye ibarirwa ku mitwe y'intoki. Amahanga nayo asigaye yirebera, ntagipfa gutamikwa utugambo turyohereye ariko twuzuyemo uburyarya n'ikinyoma.

Umugabo Museveni we sinzi icyo agitegereje kugira ngo yimire ibitero bigabwa mu Rwanda biturutse iwe. Yagombye kubyitabirira bikiri mu maguru mashya kuko abaturage be baburabujwe n'izo nyenzi n'ubukungu bw'igihugu cyane bwasubiye ibubisi bitamworoheye, dore ko n'abo yari yizeyeho ubucuti bukomoka ku kinyoma bamaze kumwijundika uko bakabaye.
Nta nubwo inyenzi-nkotanyi zamurenganya, yazitayeho bihagije aba ari zo zinanirwa, yazeguriye ubutegetsi n'ububasha bwose mu nzego zose cyane cyane iza gisirikare, yazishakiye amafaranga menshi, intwaro n'abantu bo kuzikoresha; niba rero zaratsinzwe si ikosa rye rwose, abanyarwanda bose bamubera umugabo !

Amahanga nayo nubwo yamaze kuvumbura no kubeshyuza ibinyoma by'abo bantu yiteguye kubababarira baramutse bumvise ukuri bagashyira mu gaciro ntibakomeze kumena no kumenekesha amaraso y'inzirakarengane.

**Abahutu bo bazwiho kuva kera ubwitonzi n'umutima w'imbabazi bitaba mu yandi moko. Biteguye kubabarira izo nyenzi n'ibyitso byazo ndetse n'izishatse gutahuka zikakirwa nka wa mwana w'ikirara dusoma muri Bibiliya Yera, zigafatwa ak'ingagi nubwo zaba zicyuzeyeho amaraso ya Rwendeye, ya Karemera, na Habiyaremye, na Yohani n'abandi bose bazizize, baba abasirikare cyangwa abasivili, abakuru n'abana, abasore n'inkumi.**

Umubano w'u Rwanda na Uganda nawo wasubirana isura nziza ifitiye akamaro abaturage bo hakurya y'imipaka. Ubucuti bw'abakuru na Leta by'ibihugu byombi wasugira bugasagamba. Bityo ntitube twavuga ko intambara yahosheje ahubwo ko yarangiye burundu maze abana n'ubuvivi bw'uwitwa umunyarwanda wese ntibongere kumva isasu mu buzima bwabo haba imbere mu gihugu cyangwa mu nkengero z'imipaka yacyo.... gusa byose bizaterwa n'imyifatire y'abo badutera.

Ndekezi Bonaparte
Gisuma

KA02 1471

# FERDINAND NAHIMANA YITORAGURIYE RADIO MU GITEME.

KA021471



Ferdinand Nahimana akigera muri ORINFOR mu mpera z'umwaka ushize abakozi bamuketse amababa. Dore ko yanavugwagaho byinshi aho yari avuye iyo muri Kaminuza... mu Ruhengeri. Ngizo za ruswa, ngayo amatiku ariko cyane cyane ironda karere tutaretse n'amoko n'ikinyoma nk'icya Semuhanuka. Akigera muri ORINFOR uwo mugabo bavuga ko yaminuje mu mateka (Docteur en Histoire), -uretse ko ay'u Rwanda ayirengagiza- yabanje kwicisha bugufi kuko yatinyaga umwuga w'Itangazamakuru kubera ko atari awuhugukiwemo.

Ariko agenda aneza akarere ka buri mukozi w'ubwoko bwe ! Asanga amaperefegitura yose arasaranganije ndetse n'amakomini. Ibyo bigomba kuba bitarashimishije uwo mwarimu muri Kaminuza. ORINFOR ashaka kuyitegeka nka Kaminuza y'u Rwanda (ishami ry'indimi).

Abamuzi iyo muri Kaminuza bavuga ko iyo yakosoraga ibizamini by'abanyeshuri yaheraga ku banyagatonde atanga 19/20 akamanuka mu yandi makomini kugeza no mu yandi maperefegitura kugeza aho ageza kuri 5/20. Ngo yajyaga atanga n'akazi iyo muri Kaminuza ahereye ku muryango we kugeza ku bimuga bitavanywe mu byabo n'iyi ntambara.,

Abonye ko ORINFOR atari iy'abanyagatonde gusa, Nahimana yahise aca igikuba ati "Abantu ba MFIZI Christophe baransabota". Abahukamo ! Akora ilisiti y'abantu 60 yashakaga ko bataha yoherereza inama y'ubutegetsi ngo ibasezerere. Abagize inama y'ubutegetsi ya ORINFOR bamubaza icyo abo bakozi bazira aracyibura !

Nahimana ahimba ko ngo batumva igifaransa ndetse kuri bamwe ngo ntibazi gusoma no kwandika. Inama y'ubutegetsi ya ORINFOR yanze gusuzugura uwo "mukiga w'umukonya" (nk'uko akunda kubyigamba) itanga abakozi 30 muri 60 yari yasabye ngo babirukane.

Nahimana yihutiye gushyiramo abantu be akaba atanabihisha no mu mvugo ze. Nawe umuntu utinyuka akabwira abafasha be 'ngo nabo nibashake abantu babo bitaba ibyo ngo azizanire abe. Ngo niyo baba abanyagatonde gusa. Nahimana niwe mukoresha wenyine muri iki gihugu wanze ko abafashwe muri iyi ntambara bakekwaho kuba ibyitso nyuma bagasanga ari abere, yanze ko bagaruka ku kazi.

Yitwikiriye intambara nyamara imigambi ye irazwi. Nahimana si mu bakozi bo mu rwego rwo hasi yirukanyemo abo adashaka, no mu bafasha be ba hafi yabahinzemo, ashyikiriza Perezidansi ya Repubulika indi lisiti y'abagomba kwamburwa umugati ngo imbehe ifatwe n'abanyaruhengeri. Sibwo afashe Hatari Augustin ngo ayobore RADIO RWANDA ! Kandi uwo mugabo nta Kinyarwanda azi, nta jambo na rimwe ry'igifaransa azi. Ubihakana azibarize abakozi ba Radio Rwanda bo akoresha inama mu cyongereza. Erega nta warenganya Hatari (ese ubundi bivuga iki ?). Ntiyabaye mu Rwanda, yabaye muri Uganda ari naho yize akomereza muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika nk'umututsi wese wiyubashye. Indimi azi ni ebyiri gusa : icyongereza n'igiswayire. Ikinyarwanda ni gike cyo kwihahira. Yewe u Rwanda rurarika !

Ese Rubwiriza Tharcisse (Byumba) umaze imyaka 13 mu itangazamakuru aba he ? Ko tutakimwumva muri cya kiganiro cye cyo ku cyumweru abantu bakundaga aho yatunyuriragamo muri make ibyanditswe mu binyamakuru ? Twumva ngo ari mu mvaho, niba ataratashye ni amahoro. Ese icyo kiganiro cyagiye he ? Mutubarize Nahimana icyo wa munyamakuru Thomas Kamilindi wo kuri Radio yazize kandi ariwe Radio Rwanda yacungiragaho mu makuru y'igifaransa ? Twumva ngo yahagaritswe amezi atatu yose ! Nyamara azira ubusa. Ari nacyo cyatumye Perezidansi ya Repubulika isaba Nahimana gusubiza Kamilindi ku kazi nta yandi mananiza. Mu gihe we yari mu nzira zo kumwirukana.

Abakunda u Rwanda bababajwe no kubona Yozefu NDABAMENYE yirukanwa ngo ni uko yari inshuti ya MFIZI. Yewe amaherezo tuzamenya uwo NAHIMANA akorera.!

Reka mpinire aha ni ah'ubutaha...

Kangura

**KANGURA NI IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.**

■ ■


**UBWANDITSI BWA KANGURA**

*NGEZE Hassan*

*NDEKEZI Bonaparte*

*RUBERA Papias*

*HITIMANA Noël*

*NYABYENDA Issa*

*KANDEKWE Papias*

*BIZIMANA Boniface*

# BURYA N'ABASILIKARI BAFITE ICYO BATEKEREZA KU MASHYAKA (n'ubwo ari nta na rimwe bemerewe kubamo).

KA021472

Twaganiriye n'umwe mu bari ku rugamba, atubwira muri make uko bo babona iby'amashyaka bumva avuka.
Yaritonze aratubwira ati Ingabo twe dushishikajwe no guhashya umwanzi, ari imbere mu gihugu ari no ku mipaka y'u Rwanda.

Twe Ingabo batubwiye ko ari nta mashyaka turimo, ariko dushyigikiye Umubyeyi wacu, Umugaba mukuru w'Ingabo. Ikibazo dufite ni icyo kumenya icy'abashinga amashyaka badutekerezaho. Abantu bose bahagurukiye gushinga amashyaka twahejwemo, aho bafite ibyo bateganyiriza kuzageza ku Ngabo ku buryo bundi bwihariye bw'akarusho, birenze uko Perezida Habyarimana adufashe ?

Nibabigaragaze bigishyushye, tubabwire ukuntu tubahumeka, natwe dufite umutwe n'ibitekerezo byubaka. Tubabazwa no kubona ayo mashyaka yose avuka, yiherera iyo mu bategetsi no muri Rubanda, akirengagiza ko natwe Ingabo turiho duharanira gutsinda intambara twese duhuriyeho.

Politiki zose muzahimba nizo muzavumbura zizaba zishingiye ku mahoro, amahoro mukesha Ingabo zihora ziri maso. Buri shyaka ryari rikwiye gutekereza bihagije mu migambi yaryo bagashyira ahagaragara icyo batekereza ku ngabo z'igihugu n'ikintu gishya bazabagezaho.
Urugero : hari nk'ishyaka ryafata mu migambi yaryo ko riramutse rigeze ku butegetsi ryatoresha itegeko rihamya ko nta musore cyangwa inkumi uzajya mu mashuri makuru atabanje kunyura mu gisirikari, ko nta musore cyangwa inkumi uzabona akazi aho ariho hose ngo yinjire muri Caisse Sociale atarabanje kunyura mu gisirikari n'ibindi bitekerezo nk'ibyo...

Uwo musirikari yarakomeje avuga ko ari ntawarwanya politiki y'igihugu cyacu, ati ariko mujye muhora mwibuka ko ibyo mukora byose, ibyo mwifuza kugeraho, byose mubikesha ituze rihagarariwe n'Ingabo z'igihugu.
Ko mubona aho iyi ntambara itugejeje, ikilo kimwe cy'amahoro cyagurwa angahe ? Demokarasi abaturarwanda bifuza, natwe turayemera, ariko ntigomba guca intege Ingabo z'Igihugu, n'abahuye n'intambara bose, kuko Ingabo zo nta gihe zitazakenerwa. Kandi namwe murabizi, umwanzi ntanyurwa, tugomba no gukomeza gushakisha tukamenya icyo umwanzi atekereza kuri ayo mashyaka menshi agiye gushingwa mu gihugu cyacu, dore ko harimo niryo turwana naryo.

Twe rero twiyemeje gushyigikira amahoro dushyigikiye n'Umugaba mukuru wacu. Amategeko arusha amabuye kuremera, ibyo turabizi, no kureka kuba abarwanashyaka ba MRND twarabyemeye, ariko namwe ba nyiri uguhanga amashyaka mashya, nimutwereke icyo muzatumarira.
Muhishiye iki Ingabo z'u Rwanda mu migambi yanyu ? Ntimuzadukangishe ngo muzaturundaho intwaro, turazifite. Ibyo kudutunga no kwibeshaho nkamwe mwese turabibona ku buryo bushimishije. Ahubwo nimudushakire ako karusho kazaturuka ku bwenge, ubushishozi, kureba kure n'umurava, mutubwire uko Ingabo zanyu zagombye kuzaba zimeze mu minsi iri imbere.
Nibashabuke natwe tubabwire icyo tubatekerezaho. Ingabo turi maso ku rugamba rw'amasasu, turifuriza abari ku rugamba rw'amashyaka kurwana bya kigabo muri politiki.

Mwirinde ariko gusebanya no kugonganisha bamwe mwitwikiriye amashyaka. Kandi gushinga amashyaka ntibibe ubuhungiro bwa bamwe ngo bakeka ko niba ari abagome, tuzabihanganira, tukazabapigira amasaruti. Twe twubaha umuntu wese igihe ari indakemwa mu mico no mu myifatire, mbese nawe azi kwiyubaha. Twumvise ko mubashinga amashyaka haba hagwiriyemo abarezweho ubujura, kunyereza umutungo wa Leta bamwe ngo ni abicanyi abandi n'Ibyitso by'Inkotanyi, mbese ngo ahenshi usangamo abagizi ba nabi.

Twe abari mu Ngabo dusabye abanyarwanda mwese mukunda urwababyaye kwamaganira kure ibyo bisambo. Natwe aho twibereye bamwe turabazi, kuko iwacu kavukire ari mu Rwanda hose. Muramenye, muramenye ntibazabashukishe ibifaranga, amayoga, babizeza ibitangaza n'ibindi bishuko. Hari aho tuzi babifitiye impamyabushobozi ihanitse, ndetse bamwe barayivukanye. Ayo mashyaka y'abatekamutwe muyange muyahe akato, ejo mutazatuma tubabazwa n'ubusa, dore ko iyo byazambye na none igihugu cyiyambaza Ingabo.
Twabarekeye urubuga, ngaho nimukine mutikinishije, mushakire abana banyu twese icyaduteza imbere kurushaho n'icyazana amahoro turimo duharanira ku rugamba. 1er Sergent RUKUNDO J.M.V. namushubije ko mwumvise neza kandi ko Kangura izageza ku basomyi bayo icyo gitekerezo.

Mwe mucyakiriye mute ?

Hitimana Noël

Twiyamye dukomeje abakomeje koreka imbaga y'abanyarwanda babakwizamo ibihuha ngo ku rugamba abayobozi bakuru baba baratangiye gucengeza mu basirikari ibitekerezo bijyana n'amashyaka. Izo ni impuha ziri mu mutego w'umwanzi. Ese iby'amashyaka byamarira iki Ingabo zacu ko kuri bo ibya politiki babihariye abasiviri. Uzafatirwa mu ikosa nk'iri si uwa Kangura !

KA02 1473

# M D R UBUMWE BW'I GIHUGU BURAYITONDA.

KA021473

## TWA MITINGI TWINSHI.

Abayobozi ba MDR muri GITARAMA biyemeje kurema udutsiko tw'aba volontaires bazajya bakwira muri twa Centres twose tw'ubucuruzi. Birumvikana abashaka uwo murimo ko babonetse ari benshi. Abashomeri ni benshi kandi muri iyo nzira amafaranga arajejeta. Gusa dore icyanteye kwibaza kuri iyo politiki ya MDR. Numvise amagambo batubwiye kuri centre ya Kinazi ya Komini Ntongwe tariki ya 7 Nzeri uyu mwaka.

Icya mbere, ngo ntamajyambere twagezeho. Nasanze aribyo koko nta nayo tuzagerabo vuba hano ! N'Abanyamerika baracyahatana. Batwumvisha ko urukiga ari Gisenyi na Ruhengeri na Byumba, naho Nduga ngo ni ahasigaye h'u Rwanda ubwo baba banyumvishije ko ndi umunyanduga kandi nari nzi ko ndi umunyamayaga. Barongeye bati tugomba gukora uko dushoboye kugirango tugobotore ubutegetsi ku kazu tubugarure iwacu i Gitarama. Tukimara gufata ubutegetsi tuzajya kwishyuza umutungo wa Leta bariya bakiga banyereje. Niturangiza tuzisubiza ubutaka bariya bimukira babakiga batuyeho tubirukana basubire iwabo, gutyo ubutaka buzaduhaza. Nashigutse umutima kuko sogokuru avuka muri Komini Gatonde, ndebye uwavugaga ayo magambo nsanga avuga akomeje atamwenyura, yemeza ko umwimukira ari umuntu waturutse mu rukiga, yaba yaraguze cyangwa yarahawe ngo nikimwe, ngo kuko n'amafaranga y'abakiga yose aba aramibano. Ngo bose ni ibisambo !

## UMWANYA W'IBIBAZO.

Umwanya twabajiije itandukanyirizo ry'umuntu uvuye muri Nyakabanda nuvuye i Kibirira, icyo kibazo nta nubwo yiriwe agisubiza ngo biradindiza mitingi. Havuzwe imishinga myinshi ngo yibereye i Gisenyi, Ruhengeri na Byumba naho ngo iya Gitarama nka PAG ngo barayiriye. Ngo ni ibisambo. Ku mutima tuti ese abayobozi ba PAG ko ari abanyagitarama abanyagisenyi baje kwibamo bate ? Bavuga ko Gitarama nta mashuri, nta mavuriro, nta muhanda nta mashanyarazi, ngo byose babyijyaniye mu rukiga n'ibindi n'ibindi. Birangiye abifite cyangwa abo baribapfunyikiye agahamba bagiye kwica akanyota, jye negera umwe muribo twariguzinye. Namubajije ukuntu repubulika ya mbere ya MDR yavanaga amazi hariya i Shyogwe amazi akambukanya aya makomini yacu, Nyamabuye, Tambwe, Ntongwe, Mugina ntawe ubonyeho n'igitonyanga.

Repubulika ya kabiri ya MRND niyo yaza ikavuga ko mbere y'uko amazi agera ku banya Bugesera agomba kubanza akamara inyota banyirayo. Mubajije Repubulika dukwiriye gushima kurusha indi, yansabye kumugirira ibanga.

Narongeye muha urugero ko muri Repubulika ya mbere Gitarama yari mu icuraburindi, mubwira ko central ya Kigoma iri muri Gitarama kandi yatashywe mu mishinga yo muri Nyakanga 1976. Arumirwa ! Kubera ko uwo mugabo twaganiraga n'ubundi twari dusanzwe tujya impaka tugatandukana tudatonganye, twasuzumiye hamwe imihanda ya kaburimbo yo mu Rwanda dusanga hafi ya yose isa n'iyubakiwe Abanyagitarama. Twibanze byihariye kuri uriya wa Gitarama — Mukamira benshi mu banyapolitiki bavuga ko wigiriye ibutware.

Twe twembi twabyumvikanyeho ko kuko ubundi uriya muhanda ni Gitarama — Ruhengeri wagabanijwemo kabiri, Gitarama — Mukamira na Hindiro — Ruhengeri. Byatewe n'abadutera inkunga batanga bitangiriye itama ariko Leta yacu isa n'iyabarushije amayere kuko yashatse kubereka ko tutari mu mukino wa rubito, buriya bazatwongerera n'ikindi gipande kizakorwe nibasanga ayo baduhaye yarakoreshejwe ku buryo bw'ingirakamaro. Twe icyo twibanzeho kurebera hamwe ni ukumenya abo uriya muhanda ufitiye akamaro kurusha abandi. Jye nasanze atari abanyagisenyi ahubwo ari abanyagitarama, bo bagura ku Gisenyi primus, mutsingi, guiness, ibishyimbo, ibirayi, ibigori n'amavuta yabyo n'isambaza mu minsi iri imbere zizabageraho. Simbameneye ibanga ku gatabi k'i Bugoyi. Nti harya nyibutsa abanyagisenyi bo bagura iki i Gitarama ?

Nongeye kumuha urugero ku iteme ryahuzaga amakomini Tambwe, Ntongwe na Nyamabuye ryacitse muri 1985. Kugirango depite KAYONDO abone amajwi muri aka karere kacu twamusabye ko yatwemerera kuza kudukoreshereza iryo teme. KAYONDO yaje kwitabaza NZIRORERA amwemerera ko agiye gukora uko ashoboye akababonera imfashanyo. Mu minsi yakurikiye NZIRORERA yagiye mu butumwa ariko mbere yo gutaha anyarukira muri Bavière bamuha imfashanyo ihwanye na miriyoni ebyiri z'amanyarwanda ubwo yaraje ayashyikiriza KAYONDO. KAYONDO nawe ashyikiriza Bourgmestre wa Ntongwe, wavuyeho, ntiriwe mvuga izina ariko azwi ko yari inshuti magara ya Minisitiri MUGEMANA. Bourgmestre wa Ntongwe amafaranga yayagabyemo imirwi umwe awushora mu mishinga ye, dore ko yari afite myinshi ndetse na ka gatabi ngo gatera akanyabugabo ntiyatinyaga kugacuruza, dore ko ngo no mu rufunzo rw'akanyaru kahera Undi murwi yawuhaye umwubatsi wa make bumvikana. Umwubatsi aragenda atoba urwondo, atereramo udusarabwayi asigaho agasima. Murebe ifoto y'iryo teme mumbwire imyaka isigaye kugirango turyambukireho. None muti NZIRORERA ni igisambo kuko ari umunyaruhengeri ngo naho abandi ngo ni abere kuko bavuka «NDUGA» yanyu.

## UBUMWE BW'IGIHUGU.

Naje kubaza akabazo ka nyuma nti muvuga mutyo Gisenyi na Ruhengeri na Byumba nta amajwi yo muri ayo maperefegitura mukeneye cyangwa ubwo ari ibya politiki hari ukundi mubigosora mukinyanduga cyanyu iyo mugezeyo nabo bikabanogera. Undi ati ibya politiki bifite bene byo.
Bagenzi banjye rero bayoboke b'amashyaka, murebe igihe tugezemo. Ntidukeneye isubiranamo ry'uturere n'amoko. Twaridukwiriye kwumva ko amahoro ari ngombwa. Biradutorotse rero tutarebye neza twarahoma. Hirya no hino cyane cyane muri iyi Perefegitura yacu ya Gitarama hari urugomo rukabije. Barica baratema barasahura bikingirije amashyaka. Mvuze neruye nakwemeza ko ubwo utari umuyoboke wa MDR mu magambo make arugarijwe muri Gitarama. Jye ndabona igisigaye ari inkongi y'umuriro maze akindushyi kagashoboka. Ubutegetsi bukwiriye guhangana n'icyo kibazo aho kugirango amashyaka abatere ubwoba nta shingiro.

*KANYAMIHANA Jean Bosco*
*Secteur Ntongwe*
*Commune Ntongwe*

*Propos recueillis*
*KANDEKWE Papias.*

# KAMEYA YAFASHE IMBUNDA AGATERA U RWANDA BIKAGIRA INZIRA.

Kameya Andereya, umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru "Rwanda Rushya" akomeje kwigaragambya no gushotorana. Bavuga RAVI!! Kameya we arakabije. Yarabanje yitunga agatoki ati" Kameya ndi icyitso kabuhariwe. Ntimuzanyibeshyeho" Ibyo abanyarwanda barabyihorera. Igihe indege ya kompanyi Scibe Zaïre irasirwa mu kirere cya Uganda n'abasirikare ba NRA, Kameya na bagenzi be nka Zitoni... bashaka kwemeza nyiri iyo kompanyi BEMBA SAOLONA ko rwose iyo ndege yarasiwe mu Rwanda, iraswa n'abasirikare b'u Rwanda. Bemba Saolona biramurakaza cyane, abwira Kameya ati: "Waba uri ikotanyi waba uzishyigikiye, Uganda igomba kwishyura iyo ndege" Kameya erega arya indimi. None ageze n'aho ababazwa n'urupfu rwa Rwigema!!

Mu kinyamakuru cye "Rwanda Rushya" (burya ngo bivuga Rwanda rugurumana) mu nimero yacyo iherutse gusohoka yise "spécial" Kameya yagufatiye ifoto ya Fred Rwigema n'iya nyakwigendera Lt Colonel Rwendeye, arayabangikanya munsi yayo yandika ngo "ubu se bombi barihe?" Tutiriwe tujya kure, gufata Fred Rwigema wateye u Rwanda ukamugereranya na Lt Colonel Rwendeye watabarutse arwana ku busugire bw'u Rwanda, ibyo ntibiteye icyo n'iki? Erega bose ubagize intwari z'igihugu?

Umuntu asesenguye neza wasanga Kameya yari hafi gusaba abasomyi be guhaguruka iminota mike bakibuka "intwari" Rwigema. Aka MDR kuri stade Amahoro i Remera tariki ya 25 Nzeri uyu mwaka, Faustin Twagiramungu ati "Muhaguruke twibuke "intwari" Karambizi warasiwe mu Gatsata". Donat Murego yungamo we atwemeza ko ubutegetsi buriho ubu aribwo nkotanyi. Ati "tuzaburwanya, tuzaburwanya mpaka tubuhiritse". Twagiramungu ati" Nta kundi byagenda".

Kameya yemeza rwose ko ubutegetsi buriho muri iki gihe ngo "nta rukundo rufitiye abanyarwanda". Kuko ngo nibwo budashaka ko intambara irangira. Kameya nta kamenye ko kuba akiriho (n'ubwo ari icyitso) ari ubutwari bw'ingabo z'u Rwanda zatabaye rugikubita zikarwana inkundura zigahashya umwanzi. Kameya amenye ko inkotanyi iyo zifata u Rwanda ko nawe atari gusigara ngo ni uko azishyigikiye.

Iyo nimero "spécial", Kameya yayihariye icyo yise "ubugome" bw'ubutegetsi buriho. Icyo atazi ni uko bwabaye maso bugatahura hakiri kare imigambi y'inkotanyi n'ibyitso byazo. Ibyinshi muri byo bigahabwa imbabazi bikarekurwa kugira ngo byihane byoye gukomeza gushotora abanyarwanda b'umutima. Uretse ko akabaye icwende katoga! Abo Kameya avuga bafunzwe, ngo bagakorerwa ibyamfura mbi, bari bakwiye ahubwo kwishimira kuba bakiriho, kuko burya intambara ni intambara ntawe isiga. Kandi abafunzwe bose si abatutsi n'abatutsikazi gusa nk'uko Kameya abitwemeza.

Iyo igihugu cyatewe ni ngombwa ko hajyaho amategeko adasanzwe agamije kurengera igihugu atitaye ku butesi bwa bamwe. Kameya niba ababajwe n'uko igitero cya Rwigema cyaburiyemo nagabe icye. Erega yaratangiye muri "Rwanda Rushya" hasigaye mu Mutara. Uretse ko ho yahasiga agatwe!!!!

## KANGURA IKOMEJE GUSHIMA SINGAYE ANDRE

Nkuko twababwiye ko ubucamanza bwo mu Rwanda bwamunzwe na ruswa nkuko bigaragarira mu manza za Singaye n'abagore be bane n'abana be cyane cyane mu isosiyete yitwa ACLIR yashinzwe hakozwe ubutiriganya nkuko Avoka uburanira bene Singaye abihamya, ubu natwe nitubona umwanya uhagije tukazabagezaho uko yari yarashinzwe n'abakozi bayo dore ko na Singaye ngo yari yagizwe umukozi wayo usanzwe da!!!

Icyo dushima Singaye rero ni uko ubushize twabagejejeho ukuntu yari yihimuye ajya kuba umuyoboke wa MDR: kugira ngo yumvishe abo batari bakivuga rumwe bo muri MRND.

KANGURA ikimara gusohoka yahise atwika ka gakarita ka MDR agaruka mu muryango wa MRND aho ayamamaza bidasanzwe dore ko yahise yiha akazi ko kwakira abantu muri za mitingi za MRND n'ubwo atasobanuje ikinyabupfura abakora ako kazi, kuko byababaje kandi bigatangaza abanyacyubahiro bari baterániye muri mitingi yabereye ku Gisenyi. Harimo n'uhagarariye TANZANIYA mu Rwanda.

Icyababaje abantu n'uko ubwo Minisitiri w'Imigambi ya Leta yari atangiye kugirana ibiganiro n'abanyamakuru, Singaye yahubutse nk'iyagatera, ntiyasobanukirwa n'icyubahiro kigomba guhabwa Minisitiri, kuko yahise amukurura akaboko amuvana imbere ya mikoro z'abanyamakuru, ku buryo Minisitiri iyo ataba umusore urangwa n'ingufu, aba yarahutajwe n'uwo mugabo utari uzi ibyo yakoraga. Twizere ko ubutaha azamanza gusobanukirwa icyubahiro gihabwa abategetsi, cyangwa se akajya yakira rubanda gusa, abanyacyubahiro bagashakirwa ababishoboye. Nyamara umunsi umwe muri IGA ashobora kuhamenyera ukuntu abantu barutana mu byubahiro.
Ku byerekeye aho Gacukiro yaburiye n'umutungo we, ababishinzwe bazabaze SINGAYE we wabyishimiye.

Yari SEKIDENDE Marcel
Umusomyi wa KANGURA

KA02 1475

# E.T.O. GATUMBA YAGOMBYE GUHINDUKA ECOLE TECHNIQUE DES MINES.

KA021475

Iyo bashyize ku murongo amashuri yitwa amashuri ya Leta aqamije imyuga (écoles techniques officielles), ETO mu magambo ahinnye, na ririya riri i Gatumba baribariramo. Reka tubagezeho uko iryo «Nyangirwa ETO» ryagiyeho, uko biteye, abaryigishamo, abaryigiramo, n'uko ibintu byagombaga kugenda.

1. AMAVU N'AMAVUKO YA ETO GATUMBA :

Mu itahwa ry'imishinga ryabaye tariki 13/07/1987 na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, abaturage bo mu karere ka Ngororero bagejeje kuri Nyakubahwa Perezida icyifuzo ko amazu yari aya SOMIRWA aho i Gatumba yashyirwamo amashuri kuko iby'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro byakorerwaga muri ako karere byahagaze. Umukuru w'igihugu yasubije ko icyo cyifuzo cyazabanza kwigwa na za Minisiteri zishinzwe iby'amashuri, iby'ubucukuzi, imigambi ya Leta n'imirimo ya Leta kugira ngo barebere hamwe niba icyo gitekerezo cyashirwa mu bikorwa. Akanama k'impuguke kagizwe nizo Minisiteri karateranye kagaragaza raporo yako mu kwa mbere 1988. Iyo raporo yavugaga ko aho hantu hadashobora kujya ishuri kubera impamvu zikurikira :

A. Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ubwo bwari bwarahagaze ntabwo bwari bwavanyweho burundu. Leta yari igishakisha ukuntu ubwo bucukuzi bwakomeza.

B. Amazu yari aya SOMIRWA Gatumba ntabwo yari ahagije ku buryo abanyeshuri babona aho bisanzurira (imikino) cyangwa ahakubakwa andi mazu ajyana n'ishuri rya tekiniki.

C. Hari umushinga wari usanzwe uhari wo kubaka ishuri rya ETO muri ako karere (ku Muhororo) n'amafaranga yawo ngo akaba yari yarabonetse angana na miliyoni magana atanu y'amanyarwanda (500.000.000 FRW). Iyo raporo ntiyigeze ishyirwa ahagaragara kuko Minisitiri w'amashuri w'icyo gihe yayicayeho. Nuko iryo shuri rya ETO Gatumba rijyaho mu kintu cy'icyuka cy'itora ry'abadepite, ku buryo nta cyemezo na kimwe cyaba cyaravuye muri Minisiteri iyi n'iyi cyaba cyarashizeho iryo shuri.

2. UBU IRYO SHURI RYIFASHE RITE ?

Iryo shuri ryatangiriye mu nzu yabikwagamo ibisigazwa by'amabuye y'agaciro (Hangar de taillings). Abarimu n'abanyeshuri bacumbikirwa mu mazu abakozi ba Somirwa bacumbikagamo. Nyamara ibibazo ntibyatinze kuvuka hagati y'iryo shuri na REDEMI (Ikigo cya Leta cy'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyeguriwe ibyahoze ari ibya SOMIRWA byose) ndetse havutse n'ibibazo by'iryo shuri bwite.

Amashanyarazi akoreshwa aho i Gatumba acanwa na moteri ikoreshwa n'umazi ruyungurura amabuye acukurwa na REDEMI na COPIMAR ari nabo bishyura ibyangombwa byose kugira ngo iyo moteri ikore. Iyo iryo yungurura ritakoze nta mashanyarazi aboneka bityo abanyeshuri n'abarimu babo bakarara mu icuraburindi. Amazi nayo agezwa kubaturiye Gatumba na pompe ikoresha amashanyarazi, yaba itakoze nabwo nta mazi aboneka. Iryo shuri ry'i Gatumba ntahantu abanyeshuri bafite bashobora gukorera imyitozo y'amasomo biga mu bya tekiniki (Atelier). Yewe nta nibikoresho ryigirira. Usanga ubutegetsi bw'iryo shuri buhatiriza, bugashora abanyeshuri mu misigarizwa y'ibyuma byaho SOMIRWA yasaniraga imashini zayo.

3. ABIGISHA MURI ETO GATUMBA.

Abarimu bigisha muri iryo shuri umuntu yabashyira mu nzego zikurikira :
(Umwaka w'amashuri ushize)
Urwego rwa A0 : 1 Diregiteri
Urwego rwa A1 : 0 –
Urwego rwa A2 : 5 Abarimu
Urwego rwa A3 : 4 Abarimu

Abantu benshi bibaza impamvu abakozi ba REDEMI bari mu rwego rwa A0 bariyo batatu batarigishije muri iryo shuri kandi bose ari ba Injenyeri.

4. ABANYESHURI BIGA MURI ETO GATUMBA.

Abanyeshuri biga muri ETO Gatumba ubu abambere bageze mu mwaka wa kane. Ariko iyo umuntu arebye ibyavuzwe, ukuntu biga naho bigira, nta wabura kwibaza niba abo bana batararoshywe.

5. IBIKWIRIYE GUKORWA IBINTU BITARAZAMBA CYANE.

Twagerageje kubaza abantu benshi cyane cyane abo icyo kibazo kireba (Abanyagisenyi), batanze ibitekerezo byinshi ariko iby'ingenzi akaba ari ibi :

– Muri Perefegitura ya Gisenyi hagomba kubakwa ETO nyayo nkuko byagenze n'ahandi zari ziteganyijwe. Bityo hakarangizwa mu isaranganywa ry'amashuri yisumbuye ya Leta. Leta igomba gushaka aho za miliyoni magana atanu ziherereye zigakoreshwa kandi ibi bigakorwa mu maguru mashya.

– Inama iruta izindi ni uko ETO Gatumba igomba guhindurwamo ishuri ryisumbuye ryigisha ibyerekeranye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro (Ecole Technique des Mines).

Twashoboye kubaza ibigo bishinzwe ubucukuzu bw'amabuye y'agaciro (REDEMI na COPIMAR) ndetse na Minisiteri ishinzwe iby'ubucukuzi (MINIMART) badushubije ko ibyo bishoboka cyane cyane ko abakozi bize iby'ubucukuzi bakenewe cyane ku buryo nko mu myaka itanu REDEMI na COPIMAR bakwakira abakozi basohotse muri iryo shuri barenze magana atandatu (600). Icyo gitekerezo cyagombye kwigwa vuba kugira ngo umwaka utaha w'amashuri 1992 – 1993 abanyeshuri bashaka gukomeza kwiga ibya tekiniki isanzwe bazabikomereze muri ETO

Ibikurikira urup. 19.

# PUBLICITE

Ubwanditsi bwa KANGURA buramamaza ishyaka P.D.R. (Parti Democratique pour la Révolution.)

Tumaze kubona ko rubanda nyamwinshi ikeneye ishyaka ryayo riyigeza kuri Demokarasi nyayo, rikayitoza kwivugira no kuvugira abadafite aho bavugira, dusabye abanyarwanda bose mu madini yose kuyoboka ishyaka P.D.R. Iryo shyaka ritangiranye abayoboke benshi mu Rwanda, cyane cyane abashyigikiye ibitekerezo bya Dr. Kayibanda Gregoire byo kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi, n'ibitekerezo bya Habyarimana we ushigikiye amahoro n'amajyambere.

Abashaka kuba mu buyobozi bw'iryo shyaka, n'abifuza ibisobanuro ku buryo burambuye ni mubaze GISENYI–INFORMATION B.P. 19 GISENYI, cyangwa B.P. 1312 KIGALI. Amahame remezo iryo shyaka rizagenderaho ubu arimo arategurwa n'akanama kabizobereyemo.

Umuco wo kugaya si uw'abanyarwanda. Muzi neza ko hari abashimishwa no kuvuga ko Leta zombi ntacyo zakoze, yaba iya Habyarimana yaba na Kayibanda. Twebwe icy'ingenzi ni ugushima ibyakozwe n'abategetsi b'u Rwanda kuva twipakurura ingoma ya gihake tukarebera hamwe ukuntu ibyiza byakozwe bya kongerwa.

Abazagana iryo shyaka rero muzaze muzi ko tudashinzwe gusebanya no kuba bantamunoza. Muzi twunganire abatubanjirije muri Politiki n'abarangije akazi k'ubusirikare. Ngiryo ishyaka ryanyu, ababuze kivugira nababwira iki.

# ARIKO UWATIJWE ORINFOR, NAHIMANA Ferdinand; AKORERA NDE KOKO ??

Amarorerwa aba menshi, ariko agikorwa na NAHIMANA F. yo ateye kwibaza. Umunyabwenge MFIZI Christophe wategekaga ORINFOR akaza gushingwa n'igihugu indi mirimo ikomeye mu byo yari amaze kugeraho, harimo kumvikanisha Radiyo Rwanda dore ko kugeza ubu hakiri uduce tw'u Rwanda F.M. itumvikanamo neza. Hakaba hari harateganijwe kuzashyira ibindi byuma ku musozi wa Rubavu byo kunganira Kalisimbi bityo mu Rwanda hose F.M. ikumvikana neza.

Si ni byo gusa MFIZI yari yaragezeho kuko yari yaratumye imoteri ya (100) Kilowati ijana mu Budage bityo Radiyo Rwanda igashobora kumvikana nibura kugera muri Gabon na Zimbabwe. Mbese tukaba twakumvikana mu bihugu icumi by'Afurika, dore ko tutigeze turenza amajwi ibihugu bidukikije. Ayo maporoje rero MFIZI yari yarayakoze neza NAHIMANA F. ayageze aharindimuka. Urugero ni ibyo yabeshye abanyarwanda ejo bundi le 12/10/1991, ubwo yihanukiraga akemeza ko avuye kuzana imoteri ya Kilowati 100 ngo izatuma Radiyo Rwanda igeza n'amajwi no mu bihugu by'abarabu. Ibyo byose byatumye abumvise ayo magambo bagaya u Rwanda. Kuko abize ibyo gutumanaho bemeje ko moteri nkiyo itarenga muri GABON kandi nabwo bigaterwa n'ikirere. Yewe na MFIZI nyiri ukujya kuzishaka yababajwe n'ayo magambo kuko kubeshya isi yose bigayisha u Rwanda. Impamvu imutera ibyo byose n'uko yihaye misiyo yo kujya kureba iyo moteri atabifitiye ububasha, kuko ubundi iyo misiyo yari iy'umutekinisiye kabuhariwe SERUGENDO Joseph, dore ko ariwe wenyine wabyize muri uru Rwanda rwacu. Uretse ko ubu NAHIMANA F. amugeze ahamanuka ashaka kumwirukanisha.

Gukunda amafaranga na misiyo rero byaba ari bimwe mu byatumye NAHIMANA ajya kuzana ibyo atumva kandi atazi. None se arakorera nde koko si u Rwanda ruhagwa se???

Ese NAHIMANA apfa iki na Demokarasi? Yewe ntawabimenya neza uwo akorera kuko n'ababeshya ko akorera MRND ntibabitangira ibimenyetso dore ko asigaye abwira abanyamakuru ba Leta ngo nibanjye mu nama z'ayandi mashyaka, bajye birebera gusa nibarangiza bitahire, ntibagire n'icyo bavuga. Ibyo yabikoze kuwa 25.9.1991 ubwo habaga umunsi mukuru wa Kamarampaka. Hakaba na mitingi y'amashyaka yemera Demokarasi. Amaherezo tuzamenya uwo akorera, ubutegetsi bwa Minisitiri w'Intebe bumaze gushinga imizi.

Ku byerekeye HATARI Augustin w'umuganda, tuzabitangaza tumaze kumenya neza impamvu yamuhaye ako kazi n'uwamutumye

Umusomyi wa KANGURA
NYIRASAFARI Tabu

*ITANGAZO*

*Ubwanditsi bwa KANGURA buramagana agatsiko k'abagome baherutse gutema mugenzi wacu KANDEKWE Papias, ubwo yari yanyarukiye muri Komini Tambwe ku mpamvu z'akazi. Ubucamanza bwatwemereye gukurikirana icyo kibazo. Tubahanze amaso. Ngeze H.*

*Ibikurikira urup. 18.*

nyayo koko, naho abandi na none babishaka bagakomereza aho ariko biga ibya mini rwose. Leta nibyo bigo bicukura amabuye y'agaciro nibo bakwishingira ibirebana n'iryo shuri ryigisha ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kuko naryo rikenewe mu Rwanda. Naho ubundi tuzakomeza gukora dupapira mu gihe dukomeza gukoresha ba rupigapiga kandi turi mu bihe bibi, ubukungu bwifashe nabi.

Twilinde kwaya !

*Umusomyi wa Kangura*
*C/o REDEMI – Gatumba.*

KA02 1477



Colonel RWENDEYE witangiye Rubanda nyamwinshi,
tuzahora tumwibuka, kandi We na bagenzi be tuzabahorera.